# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-74 TARIKI 15-21 NZERI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU
Amafaranga Akarere ka Bugesera kiyinjiriza yiyongereyeho miliyari 5 Frw

4

AMAKURU
U Rwanda rwafunguye ibiro bishamikiye kuri Ambasade mu Mujyi wa Kobe mu Buyapani

6

AMAKURU
NEC izakoresha abakorerabushake 70 000 mu matora y'Inzego z'ibanze

11

IMYIDAGADURO
Umusizi Nsengimana yatangiye gukora filimi ashingiye ku busizi

22


# Kigali: Abatunze inyubako zohereza imyanda muri ruhurura bagiye gukurikiranwa




**Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Isuku, Abanyarwanda bibukijwe ko bagomba kurushaho gukaza isuku hose**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali bwahishuye ko ubugenzuzi bukomeje gukorwa ku nyubako zihererye mu bice bitandukanye, kugira ngo izizafatwa zohereza amazi yanduye n'indi myanda mu miferege no muri za ruhuruza zifungwe ndetse na ba nyirazo bakurikiranwe imbere y'amategeko.***

Uwo muburo watanzwe n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva Samuel kuri iki Cyumweru tariki ya 20 Nzeri, mu butumwa yagejeje ku bitabiriye ibikorwa byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Isuku (World Cleanup Day) muri Nyabugogo ahitwa Kumashyirahamwe mu Karere ka Nyarugenge.

Meya Dusengiyumva yabikomojeho nyuma y'igaraje ryitwa 'Parking Car Garage' riherereye inyuma y'isoko rya Kijyambere rya Nyabugogo, mu Kagari k'Akabahizi, mu Murenge wa Gitega mu Karere ka Nyarugenge, ryafunzwe ku mugoroba wo ku wa Gatatu tariki ya 16 Nzeri 2026 nyuma y'uko bigaragaye ko ba nyiraryo bitwikiriye imvura yagwaga bagafungurira amazi yanduye muri ruhurura.

Yavuze ko kohereza amazi yanduye n'indi myanda muri ruhurura cyangwa mu miferege bitemewe kandi bihanwa n'amategeko, ati: "Hari igaraje riri hano twafunze, hari n'andi dushobora kuzafunga turimo turakora ubugenzuzi, n'iyi nzu ya hano haruguru twari twayifunze ariko n'izindi tuzasanga zikora ibyo tuzazifunga. Ariko noneho na ba nyiri

KOMEZA KU RUP.3

## Kurwara kanseri ntibikivuze urupfu- Dr Maniragaba

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Dr. Maniragaba Théoneste, ukuriye Gahunda y'Igihugu ishinzwe gukurikirana indwara za Kanseri mu Kigo cy'Igihugu cy'Ubuzima (RBC), akaba n'umuganga mu Bitaro Bikuru bya Gisirikare, yavuze ko abantu bakwiye guhindura imyumvire kuko hari ubushobozi bwo gusuzuma kanseri no kuyivura kandi uko ubuvuzi bugenda butera imbere abantu bakangurirwa kwisuzumisha kuko iyo igaragaye hakiri kare ivurwa igakira.***

Ubuvuzi butaratera imbere mu myaka yashize, kwisuzumisha no kwivuza byari bigoye ndetse n'ubushobozi bwo kuyipima no kuyivura nabyo ari uko, gusa kuri ubu si ko bikimeze kandi inavurwa hifashishijwe Mituweli.

Dr. Maniragaba yavuze ko kurwara kanseri bitakivuze urupfu, ati: "Abantu benshi bari bazi ko kurwara kanseri bivuze urupfu, ariko si ko bikimeze, bari bazi ko umurwayi yivuriza hanze, ntabwo ariko bikimeze. Nuwivurije mu gihugu yari azi ko ubuvuzi akeneye yabusanga i Butaro cyangwa se i Kigali, ubu si ko bikimeze."

Yakomeje avuga ko ubuvuzi bwa kanseri bwashyizwemo imbaraga ku buryo bwegerejwe abaturage, ati: "Minisiteri

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# U Rwanda rwasabye ibihugu by'Isi kutihanganira imvugo zibiba urwango




Mu nama ya Loni Ambasaderi Ngoga Martin yasabye ibihugu kutihangara na gato imvugo z'urwango

TWAGIRA Wilson

***Ambasaderi w'u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye, Loni, Martin Ngoga, yasabye ibihugu bitandukanye kutihanganira na gato abantu bakoresha imvugo zibiba urwango, ahubwo bigashyiraho ingamba zo kuzikumira no kuzikurikiranira hafi.***

Yagaragaje ko kurwanya imvugo zibiba urwango bidakwiye kuba ikibazo kivugwa gusa ku rwego mpuzamahanga, ahubwo ko buri gihugu gikwiye guhangana na zo hakiri kare, mu rwego rwo gukumira ingaruka zishobora kuzikurikira.

Ambasaderi Ngoga yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 18 Nzeri 2026, ubwo yagezaga ku bitabiriye Inama Mpuzamahanga y'Umuryango w'Abibumbye yiga ku kurwanya imvugo zibiba urwango.

Yibukije abitabiriye iyo nama baturutse mu bihugu bitandukanye ko imvugo zibiba urwango zishobora kugaragazwa mu buryo butandukanye, burimo gutesha agaciro ikiremwa muntu, gukoresha imvugo n'inyito zivangura rishingiye ku moko, ku turere n'ibindi, bikaba bishobora kugeza abantu ku bikorwa by'ubwicanyi.

Ati: "Imvugo zibiba urwango ni ikibazo dusabwa kurwanya twese nk'ibihugu, nta kuzihanganira. Birasaba ubushake bwa politiki n'ubuyobozi busobanutse. Dukwiye kumenya hakiri kare ibimenyetso by'ibanze bibanziriza imvugo zibiba urwango, tubirwanya tunazikumire mu bihugu byacu aho kubivuga gusa muri rusange mu rwego mpuzamahanga."

**Abakoresha imvugo zibiba urwango bakwiye kubibazwa**

Ku bijyanye n'ingamba zo kurandura ikibazo cy'imvugo zibiba urwango, Ambasaderi Martin Ngoga yavuze ko hakwiye kurandurwa impamvu muzi z'icyo kibazo, buri wese akabigiramo uruhare rufatika.

Ati: "Erega nk'igihugu cy'u Rwanda turavuga ibi kuko dufite ibyo twanyuzemo mu mateka yacu. Amateka twanyuzemo twabonye byinshi. Iyo icyiciro kimwe cy'abantu cyibasiwe cyangwa gitotejwe hashingiwe ku cyo abo bantu bari cyo, cyangwa uko basa, cyangwa ururimi runaka bavuga, aba ari ikibazo.

Kurwanya ibibazo nk'ibyo bisaba ubushake bwiza bwa politiki bw'ibihugu, kuko usanga ahanini bigeza abantu ahatari heza. Abagaragaraho imvugo nk'izo z'urwango bagomba kujya babibazwa."

Yibukije ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Rwanda habanje kwimakazwa imvugo zambura bamwe mu Banyarwanda ubumuntu, imvugo zibatesha agaciro ndetse n'iziganisha ku ivangura rishingiye ku moko zari zarahawe intebe.

Ati: "N'itangazamakuru ryarakoreshwaga mu gushishikariza Abanyarwanda gukora ubwicanyi, aho nyuma y'igihe byagejeje abantu kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho abasaga miliyoni bishwe n'abandi Banyarwanda mu gihe gito."

# U Rwanda rukeneye asaga tiriyali 10 Frw yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe



U Rwanda rumaze gukusanya miliyari 5 z'amadolari ya Amerika yo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe

ZIGAMA Theoneste

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko ikeneye miliyari 7 z'amadolari ya Amerika, hafi tiriyali 10,4 z'amafaranga y'u Rwanda, kugira ngo u Rwanda rubone ingengo y'imari ikenewe mu gushyira mu bikorwa gahunda zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe zo kugeza mu 2035.***

Umuyobozi Mukuru w'Ikigega cy'u Rwanda gishinzwe kurengera ibidukikije, Rwanda Green Fund, Teddy Mugabo, yavuze ko u Rwanda rumaze gukusanya miliyari 5 z'amadolari, ni ukuvuga hafi miliyari 7,4 Frw, mu mafaranga miliyari 12 z'amadolari y'Amarika asaga tiriyali 17,7 z'amadolari y'Amerika akenewe yose hamwe muri iki cyerekezo.

Yavuze ko u Rwanda rumaze kubona hafi 42% by'ingengo y'imari ikenewe mu gushyira mu bikorwa gahunda y'ibikorwa byo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere mu myaka icumi iri imbere.

Mugabo yavuze ko amafaranga amaze gukusanywa azifashishwa mu mishinga igamije guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ibihe no kugabanya imyuka ihumanya ihumanya ikirere.

Ati: "Tumaze gukusanya miliyari 5 z'amadolari yo gushora mu mishinga yo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere, ubu turashaka andi miliyari 7 z'amadolari."

Mugabo yavuze ko kubona amafaranga asigaye bizasaba u Rwanda kwagura aho rukura ingengo y'imari, mu gihe uburyo imari mpuzamahanga ibonekamo bukomeje guhinduka.

Yavuze ko Rwanda Green Fund izanakomeza gushaka uburyo bwo gukusanya imari yo mu gihugu, harimo gukorana n'abashoramari b'Abanyarwanda binyuze mu bucuruzi bw'impapuro mpeshamari n'ubundi buryo butanga amafaranga.

Iki cyuho cy'imari ikenewe kije mu gihe u Rwanda rwitegura kwakira no kwitabira inama mpuzamahanga zitandukanye zitezweho kuganirwamo ku buryo bwo kubona imari yo guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.

Muri zo harimo nama harimo Carbon Markets Africa Summit, izabera i Kigali kuva ku wa 13 kugeza ku wa 15 Ukwakira; CBD COP17, izabera i Yerevan muri Armenia kuva ku wa 19 kugeza ku wa 30 Ukwakira; ndetse na MOP38, izabera i Kigali kuva ku wa 2 kugeza ku wa 6 Ugushyingo.

Inama y'Umuryango w'Abibumbye yiga ku mihindagurikire y'ikirere, COP31, izabera i Antalya muri Türkiye kuva ku wa 9 kugeza ku wa 20 Ugushyingo.

Imyaka 10 y'Ivugururwa rya Kigali

MOP38 izaba mu mwaka wihariye ku Rwanda ndetse n'abagize umuryango w'Amasezerano ya Montreal, kuko izaba ibaye nyuma y'imyaka 10 hasinywe Ivugururwa rya Kigali (Kigali Amendment) mu Ukwakira 2016.

Iryo vugururwa risaba ibihugu kugenda bigabanya ikoreshwa rya hydrofluorocarbons (HFCs), ari imyuka ihumanya ikirere ikoreshwa cyane mu bikoresho bikonjesha no mu byuma bikonjesha ibyumba.

Gushyira mu bikorwa iri vugururwa uko bikwiye bishobora gufasha mu kwirinda ko ubushyuhe bw'isi bwiyongera ku kigero kigera kuri 0.5°C mbere y'uko iki kinyejana kirangira.

Hari kandi izindi nyungu zishobora kuboneka mu gihe ikoreshwa ry'imyuka itangiza ikirere mu bikoresho bikonjesha rijyanye no gukoresha neza ingufu.

Biteganyijwe ko inama ya MOP38 izabera i Kigali izatanga umwanya wo gusuzuma aho gushyira mu bikorwa Ivugururwa ry'Umujyi wa Kigali bigeze no gushishikariza ibihugu kongera ingamba zo kurengera ikirere.





# Kigali: Abatunze inyubako zohereza imyanda muri ruhurura bagiye gukurikiranwa

IBIKURIKIRA URUP.1

inzu turaza kubakurikirana kuko ni ibyaha bihanwa n'amategeko."

Abagenda n'abakorera muri Nyabugogo bavuga ko imyanda yoherezwa muri ruhurura iteza ibibazo birimo n'umunuko ukabije, ndetse iyo myanda ikagira uruhare mu kwangiza ibidukikije.

Uwitwa Niyikiza Jean d'Amour yagize ati: "Twe twirirwa hano muri Nyabugogo twarumiwe, kuko iyo imvura iguye, ba nyiri ibikorwa hano baba babonye umwanya wo kohereza imyanda muri iyi ruhurura kandi iba inuka cyane ku buryo itubuza amahwemo."

Uwamahoro Jeannette na we ati: "Icyemezo cyo kubakurikirana cyari cyaratinze ahubwo. Kubera ko iriya myanda bohereza muri ruhurura ishobora no guteza uburwayi abantu bagerwaho n'amazi ya ruhurura cyangwa bayakoresha."

Isuku y'i Kigali irenze kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga

Uyu Munsi Mpuzamahanga w'Isuku, wizihijwe mu gihe Umujyi wa Kigali ubimburira imijyi ya Afurika mu kugira Isuku kubera ingamba zikomeye zafashwe na Leta n'umuco w'abaturage bawutuye badatezuka mu guharanira ko isuku igaragara ku mubiri, aho batuye, mu mihanda bagendamo hose hakarangwa n'umwuka mwiza ushingiye ku kubungabunga ibidukikije.



Ni umunsi witabiriwe n'abaturage benshi, bahabwa ubutumwa bwo kurushaho kwimakaza isuku

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique yavuze ko ari ibyo kwishimira kuba Umujyi wa Kigali uhiga iyindi muri Afurika n'u Rwanda muri rusange rukaba ruri mu bihugu birangwa n'isuku ku Isi, asaba abaturage kutadohoka ngo basubire inyuma kuko isuku iri mu bigize Abanyarwanda.

Ati: "Murabizi ko ku Isi yose, Umujyi wa Kigali uri mu mijyi ya mbere ifite isuku. Igihugu cyacu na cyo kiri mu bihugu bya mbere bifite Isuku. Uwo mwanya rero tugomba kuwugumaho ndetse tukarushaho. Ni yo mpamvu tubasaba kugira ngo twese dukomeze tubigiremo uruhare. Icya mbere kwirinda kujugunya imyanda aho ubonye, nk'abaturage turabasaba ko niba unyweye amazi wijugunya agacupa k'amazi aho ubonye."

Yakomeje asaba buri rugo kujya rugira uburyo bwiza bwo gukusanya imyanda no kuyirobanura, ati: "Ibyo ni byo tugomba gukora tukabyitoza, ni byo bidukwiriye kugira ngo ya suku dukomeze kuyibamo neza. Mu ngo zacu, aho dutuye ni ngombwa ko tugira uburyo bukwiye bwo gukusanya imyanda kandi tukagira uburyo bwo kuyitandukanya."

Yibukije ko nta Munyakigali ukwiye kubaho adafite amasezerano n'ikigo kimutwarira imyanda kuko kutagirana amasezerano na byo ari byo bishobora gutuma imyanda ibabana myinshi ikaba yateza ibindi bibazo.

Ati: "Hari abantu rero kubera kutagira amasezerano, cyangwa kubyirengagiza, usanga bitwikiriye ijoro bakajugunya imyanda aho babonye. Ntabwo ari byo, ntabwo bidukwiye, kandi bihanwa n'amategeko kubera yuko twiyemeje gusigasira isuku yacu."

Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Isuku muri uyu mwaka ufite insanganyamatsiko igira iti: "Kuva ku Masahani Asukuye ukagera ku Mijyi Isukuye", yibanda ku kugabanya no gukumira imyanda y'ibiribwa bijugunywa mu ngo, mu maguriro n'ahandi.

Umuryango w'Abibumbye urasaba ibihugu ku Isi kwimakaza ubukungu bwisubira (circular), hagamijwe kubyaza umusaruro imyanda ikaba yavamo ifumbire n'ibindi bikoresho birushaho gufasha gushyigikira iterambere rirambye ry'imijyi.

# Kurwara kanseri ntibikivuze urupfu- Dr. Maniragaba

IBIKURIKIRA URUP.1

y'Ubuzima yakoze ibishoboka byose ngo amavuriro avura kanseri yiyongere kimwe n'izindi ndwara zo zavurwa mu gihugu hose guhera ku bigo nderabuzima. Ku ndwara ya kanseri, ubu abashobora kubagwa babisanga ahantu hatanu nibura harimo Ibitaro bya Butaro, Ibitaro Bikuru bya Kaminuza (CHUK), Ibitaro bya Gisirikare by'u Rwanda, Ibitaro Byitiriwe Umwami Faisal no mu Bitaro bya Kaminuza bya Butare (CHUB)."

Yongeyeho ati: "Ubu ishami rya kanseri rirakora abantu bashobora kwisuzumisha bakabona ibipimo byo kunyura mu mashini zishoboka, sikaneri na MRI birahari, ibipimo bya laboratwari bakabimenya atari ngombwa ko biva i Butare. Mwibaze uri mu Turere tw'Iburengerazuba Rusizi, Nyamasheke, Nyaruguru, abo bantu bose uhereye ku byo turya, ibyo tunywa, imyitwarire ariko noneho niba unashaka kumenya ko umubiri wawe wafashwe ukabonera serivisi hafi."

Dr. Maniragaba kandi yavuze ko uko imyaka yiyongera, imibare y'abagaragaraho kanseri yiyongera, ariko ari uko ubushobozi bwazamutse kandi imyumvire yahindutse, abantu bisuzumisha.

Yagize ati: "Buri mwaka bigaragara ko kanseri ziyongera ariko si ukwiyongera ku zariho, dukurikiye imibare duhabwa n'abahanga ni uko mu gihugu cyacu mu myaka 10 ishize, nta baganga basuzuma babyigiye bari bahari ndetse nta nubwo twari dufite ibikoresho babona hafi yabo.

Yavuze kandi ko mu myaka 10 ishize, imibare y'abarwayi ba kanseri yikubye inshuro 10. Ati: "Imibare ya 2024/2025 igaragaza ko twageze mu 7 000, mu myaka 10 twagiraga nk'abarwayi nka 700. Impamvu ya mbere ni uko ivuriro ryashoboraga kubisuzuma neza ryari CHUB, haza CHUK ariko ubu noneho yabaye 5 bituma noneho abarwayi bose bashobora gusuzumwa kuko abaganga babasuzuma bahari n'ibikoresho birahari."

Hagamijwe kwirinda kuremba cyangwa se kudakira, abantu bose basabwa kugana kwa muganga bakajya bisuzumisha uburwayi butaragera kure, kuko gufatirana indwara bitanga amahirwe yo kuyivura hakiri kare, igakira.



Uburyo bwo gusuzuma no kuvura kanseri bwateye imbere

# Amafaranga Akarere ka Bugesera kiyinjiriza yiyongereyeho miliyari 5 Frw

**ZIGAMA Theoneste**

***Ubuyobozi bw'Inama Njyanama y'Akarere ka Bugesera bwatangaje ko mu myaka itanu ishize, amafaranga ako Karere kiyinjiriza yavuye kuri miliyari 3 mu 2021, kuri ubu agera kuri miliyari 8,6 z'amafaranga y'u Rwanda, bitewe n'ingamba zo kuvugurura uburyo bwo gusoresha no kongera umusaruro w'ibikorwa byinjiriza Akarere.***

Ni bimwe mu byagarutsweho mu nama Mpuzabikorwa y'Inama y'Akarere ka Bugesera aho harebwaga ibyo abayigize Njyana bagezeho mu myaka 5 ishize bari mu nshingano.

Visi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Bugesera, Dushime Olive, yavuze ko ubufatanye hagati y'abafatanyabikorwa b'Akarere n'Ubuyobozi bwagize uruhare mu kongera ubushobozi bw'ako Karere bwo kwishakamo amafaranga yinjira muri ako Karere.

Yagize ati: "Dutangira manda muri 2021 twari ku kigero cyo kwishakamo ubushobozi cya miliyari 3, aho manda irimo kugana ku musozo ubu dufite ubushobozi bwa miliyari 8 z'amafaranga y'u Rwanda."

Yakomeje avuga ko iri zamuka ryatewe n'imikoranire n'abafatanyabikorwa b'Akarere, ubucuruzi ndetse n'ibindi bikorwa byinjiriza Akarere.

Yavuze ko hakusanyijwe imisoro n'amahoro, ndetse bimwe mu bikorwa byagombaga gusoreshwa bikavugururirwa uburyo bwo kubisoreshamo.

Dushime yavuze ko Bugesera ifite imishinga minini ishobora gukomeza kongera ubushobozi bw'Akarere, bityo ko hakomeje gushyirwa imbaraga mu kuyiteza imbere.

Ati: "Imisoro imwe n'imwe yari itakigendana n'igihe yaravugururwaga. Nk'Akarere k'ubudasa kunganira Kigali, tugomba kwishakamo ubushobozi. Hari imishinga minini, irimo Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga gishya cya Kigali kirimo kubakwa. Ikigo gikomeye cyo kwimakaza ubumenyi n'uburezi, by'umwihariko mu buhinzi n'ubworozi bitangiza ibidukikije, cya RICA n'ibindi."

Yashimangiye ko nta terambere ryagerwaho hatabayeho imiyoborere myiza, asaba ko hakomeza ubufatanye hagati y'ubuyobozi n'abafatanyabikorwa mu guteza imbere Akarere.

Depite Mukandanga Speciose yasabye abayobozi b'Akarere ka Bugesera gukomeza gushyira imbaraga mu iterambere ryako, mu rwego rwo gushyigikira gahunda ya Guverinoma yo kwihutisha iterambere ya kabiri (NST2).

Yagize ati: "Hari byinshi byo gukora bikeneye imbaraga nyinshi, aka Karere gafite amahirwe menshi, harimo kubaka Ikibuga cy'Indege Mpuzamahanga kizadufasha gukurura ishoramari. Birasaba rero ko haboneka abashoramari benshi bashora imari mu bukerarugendo, mu ikoranabuhanga no muri gahunda zitandukanye kugira ngo tubashe kubyaza umusaruro ayo mahirwe."

Muri manda y'imyaka 5 y'Inama njyanama hakozwe ibikorwa birimo kugeza umuriro w'amashanyari ku baturage kuri 70% ugera kuri 84,5%. Abaturage bagerwaho n'amazi isuku n'isukura binoze bavuye ku gipimo cya 77,5% bigera kuri 82,7%.



Amafaranga Akarere ka Bugesera kinjije mu myaka 5 yikubye hafi 3

Muri ako Karere kandi hahanzwe imirimo ibyara inyungu iva kuri 7 138 igera kuri 18 748. Ba rwiyemeza mirimo bato bahabwa umushobora bwo kugera ku mari bavuye kuri 558 bagera ku 1 450. Muri iyo myaka kandi abana barangije amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro bavuye kuri zeru bagera ku 1 075.

Hafashijwe kandi abatishobora kwikura mu bukene bagera kuri 687, mu gihe hatanzwe inguzanyi binyuze muri serivisi z'imari abazihawe bageze kuri 12 861 bavuye kuri 3 117 mu 2021.

# U Rwanda mu bufatanye n'ikindi kigo cyo muri Amerika gitunganya Wolfram



Amasezerano u Rwanda rwagiranye na Almonty Industries Inc, agena ko iyo sosiyete izajya igura amabuye y'agaciro yacukuwe, ayatunganyijwe n' ibisigazwa

**SHEMA Ivan**

***Leta y'u Rwanda igiye guhabwa imigabane ingana na 25%, muri Sosiyete ya Almonty Industries Inc ikomoka muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), binyuze mu bufatanye mu guteza imbere ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro yo mu bwoko bwa Wolfram/Tungsten.***

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Mine, Peteroli na Gazi (RMB), rwatangaje ko iyi ari intambwe ikomeye mu guteza imbere uruhererekane rw'agaciro k'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu Rwanda, ubushobozi bwo kuyatunganya ndetse n'iterambere ry'ubucukuzi burambye.

Amasezerano u Rwanda rwagiranye na Almonty Industries Inc [ifite ishami ryayo rya Almonty Rwanda Pty Ltd], agena ko iyi sosiyete izajya igura amabuye y'agaciro yacukuwe, ayatunganyijwe n'ibisigazwa ndetse iteganya kubaka uruganda rubitunganyiriza mu Gihugu.

Umuyobozi Mukuru wa Almonty Industries, Lewis Black, yavuze ko ubu bufatanye butazategereza umusaruro w'ubushakashatsi bushya kugira ngo butangire gutanga umusaruro.

Ati: "Amahirwe ya mbere ari mu mabuye asanzwe acukurwa. Aya masezerano azadufasha kuyakusanya, kuyatunganya no kuyohereza mu mahanga, mu gihe dutegura uruganda ruzajya ruyakira rukayatunganya."

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Mine, Peteroli na Gaz, Alice Uwase, yavuze ko uyu mushinga uzafasha u Rwanda kongera ubushobozi bwo gutunganya amabuye no guhugura Abanyarwanda bazakora muri uru rwego.

Ati: "Ubu bufatanye bujyanye n'icyerekezo cyacu cyo kubaka urwego rw'ubucukuzi rugezweho, rurambye kandi rugirira Abanyarwanda akamaro mu gihe kirekire."

Almonty yatangaje ko yageze kuri ubu bufatanye nyuma yo guhuzwa n'u Rwanda na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Kubaka uruganda biteganyijwe mu cyiciro kizakurikiraho, nyuma y'uko impande zombi zemeranyije ku yandi masezerano y'ishoramari.

Almonty Industries ni ikigo mpuzamahanga cyibanda ku bucukuzi, gutunganya no gucuruza Wolfram. Kizwi cyane mu gufata ibirombe cyangwa imishinga y'ubucukuzi idatanga umusaruro uhagije, kikayivugurura kugira ngo ishobore gukora neza. Gifite imishinga muri Koreya y'Epfo, Portugal na Espagne.

Wolfram gicukura ikoreshwa mu nganda zikora ibikoresho bya gisirikare n'iby'ikoranabuhanga.

Almonty yari isanzwe ifite icyicaro i Toronto muri Canada, ariko muri Mata 2026 yacyimuriye i Dillon, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Imigabane y'iki kigo kandi ibarizwa ku isoko ry'imari n'imigabane rya Nasdaq iri mu masoko y'imari n'imigabane akomeye ku Isi.





# Perezida Kagame yadutoje ko imvugo igomba kuba ingiro- Meya wa Nyamasheke

**ZIGAMA Theoneste**

***Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Mupenzi Narcisse yasabye abayobozi bayoboranye Akarere gushyira mu bikora ibyo bavuga nk'uko babitojwe na Perezida wa Repubulika, Paul Kagame ko imvugo igomba kuba ingiro mu guharanira iterambere ry'Abanyarwanda.***

Yashimangiye ko gukurikiza izo mpanuro z'Umukuru w'Igihugu bikorwa gahunda z'iterambere n'ibikorwa bigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

Yavuze ko muri manda y'imyaka itanu ishize, abagize iyo Komite y'abayobozi kuva ku rwego rw'Umudugu kugeza ku Karere bayobowe n'inyigisho za Perezida Kagame, bityo ibibazo byinshi muri ako Karere bibonerwa umuti.

Yagize ati: "Twagize amahirwe yo kuyoborwa n'Umuyobozi ushingiye ku cyerekezo (Visionary Leader), yadutoje byose, adutandukanya n'abavuga ngo 'mwumve ibyo mvuga ariko mwe kureba ibyo nkora.' We rero yadutoje ko imvugo yacu igomba kuba ingiro. Perezida wa Repubulika yadutoje ko ibyo tuvuga byose bikwiye no kujya mu ngiro."

Yashimangiye ko ubufatanye bw'inzego zitandukanye z'Akarere, kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku Karere, bwagize uruhare mu guhangana n'ubukene.

Yavuze ko iyo mibare kandi igaragaza ko ubukene bukiri hejuru mu miryango ikora ubuhinzi. Ati: "Iyo turebye imiryango iri mu bukene, imiryango 43% ni yo ikora imirimo y'ubuhinzi. Wareba abandi bari mu zindi nzego ugasanga ni 27%."



Umuyobozi wAkarere ka Nyamasheke Mupenzi Narcisse yibukije abaturage ko imvugo ya Perezida Paul Kagame ari nayo ngiro, bityo na bo bagomba kumufatiraho icyitegererezo

...banyutse, kuko zavuye kuri 53,6% mu 2017 zigera kuri 42,8% mu 2024.

Ubutaka buto ntibukwiye kuba amatungo yororwa n'abaturage, nyamara ashobora kubafasha kwihaza mu biribwa no kubona ifumbire ikoreshwa mu buhinzi.

Ati: "Ku byavuye muri bwa bushakashatsi buherutse gutangazwa mu 2024, imiryango 37,7% nta tungo igira. Ibyo ni isomo ryo kwibaza ngo ese ba bandi bakora ubuhinzi benshi, 43%, babukora bate batabuhuza n'ubworozi, na bwo buteye imbere?"

Ubutaka buto ntibukwiye kuba imbogamizi

Muri Nyamasheke, imiryango 85% itunze ubutaka bufite ubuso buri munsi ya hegitari 0,5. Meya Mupenzi yashimangiye ko kurwanya ubukene mu baturage bikwiye kujyana no gushaka uburyo ubutaka buto abaturage bafite bwabyazwa umusaruro mwinshi.

Ati: "Kuba umuntu afite ubutaka buto, ntabwo bikwiye ko agomba kubukuraho umusaruro muke. Icyo buri wese akwiye gutahana ni uko amahirwe dufite dukwiye kuyabyaza umusaruro mwinshi mu gihe tugize imyumvire myiza n'imyitwarire bikwiriye umuyobozi w'Umunyarwanda."

Yabikomojeho ku wa Gatanu tariki ya 18 Nzeri 2026 mu Nama Mpuzabikorwa y'Akarere igamije kurebera hamwe ibyagezweho mu myaka itanu (2021-2028) ishize Njyanama y'Akarere ka Nyamasheke imaze iyobora.

Meya Mepenzi yagarutse ku ruhare rwa Komite Mpuzabikorwa ku rwego rw'Akarere, nk'urwego nyunguranabitekerezo mu gushyira mu bikorwa...

**Uko ubukene muri Nyamasheke bwagabanyutse**

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke Mupenzi Narcisse, yavuze ko imibare yavuye mu bushakashatsi bwakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) ku mibereho y'ingo igaragaza ko ingo zikennye muri aka Karere zagabanyutse, kuko zavuye kuri 53,6% mu 2017 zigera kuri 42,8% mu 2024.

Ubufatanye hamwe no gukorera hamwe byatumye ubukene bugabanyuka cyane mu gihe cy'imyaka irindwi ingo zari mu bukene zikava ku kigero cya 53,6% mu 2017 zikagera kuri 42%.

Yasabye inzego zose z'ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamasheke kuzirikana ko abaturage benshi bakora ubuhinzi, ariko ko uburyo bwa gakondo bakoresha bushobora kutabafasha kwiteza imbere.

Yasabye ko hakomeza gushakwa uburyo bwo kuvugurura ubuhinzi kugira ngo burusheho guteza imbere ababukora.

Mu bindi bibazo bikomeje kudindiza iterambere ry'imiryango, Mupenzi yagaragaje kutagira...

**Urubyiruko ruri mu bibazo by'ubushomeri n'ubumenyi buke**

Imibare y'urubyiruko muri aka Karere igaragaza ko 33% rw'abari mu byiciro by'urubyiruko badafite akazi, batiga kandi batari mu mahugurwa abafasha kugira ubumenyi babasha gukoresha.

Ati: "Imibare y'abaturage dufite bari mu magororero ashyirwamo abahamwe n'ibyaha cyangwa ibigo ngororamuco, usanga abenshi bari muri ibi byiciro by'abantu badafite akazi, batize, batari no mu mahugurwa."

Yavuze kandi ko hari urubyiruko rukomeje gutwarwa n'imico yo mu bindi bihugu, ku buryo hari aho usanga rusubira inyuma mu gusigasira umuco n'indangagaciro Nyarwanda.

Ati: "Imyumvire ni uburyo dutekereza n'uko tubona ibidukikije. Ni umusemburo w'ibyo dukora n'uko tugena ahazaza h'igihugu cyacu. Iyo tugeze ku myumvire nk'abayobozi bituma twigirira icyizere tukazamura ireme ry'ibyo dukora."

Uwo muyobozi wa Nyamasheke yasabye abayobozi kureka gutinya ibibazo, ahubwo bakarushaho kubitekerezaho no gushaka ibisubizo, baharanira kugera ku ntego Igihugu cyihaye.

# U Rwanda rwafunguye ibiro bishamikiye kuri Ambasade mu Mujyi wa Kobe mu Buyapani



U Rwanda rwafunguye ibiro bishamikiye kuri Ambasade yarwo mu Buyapani

**ZIGAMA Theoneste**

***U Rwanda rwafunguye ku mugaragaro ibiro bishamikiye kuri Ambasade yarwo mu Buyapani, biherereye mu Mujyi wa Kobe, mu rwego rwo kurushaho guteza imbere imikoranire hagati y'ibihugu byombi.***

Ibi biro byafunguwe n'Ambasaderi w'u Rwanda mu Buyapani, Mukasine Marie Claire, ari kumwe n'Umuhuzabikorwa w'Umujyi wa Kobe, Dr. Kenji Fukuoka.

Uyu muhango witabiriwe na Ambasaderi w'u Buyapani ushinzwe Intara ya Kansai akaba n'Intumwa ya Guverinoma, Yasushi Misawa, ndetse n'Ambasaderi bahoze bahagarariye u Buyapani mu Rwanda, abahagarariye urwego rw'abikorera n'inshuti z'u Rwanda muri icyo gihugu.

Ambasaderi Mukasine Marie Claire yavuze ko gufungura ibi biro ari amahirwe mashya yo kongera no gushimangira ubufatanye hagati y'u Rwanda n'u Buyapani, by'umwihariko mu burezi, ubushakashatsi, abikorera bato n'ishoramari.

Yagize ati: "Ndashimira cyane Hon. Fukuoka uhagarariye u Buyapani, kuko yagize uruhare rukomeye mu guteza imbere umubano w'ibihugu byombi no gushimangira ubufatanye n'ubucuti.

Ndashimira na Meya w'Akarere ka Kobe, Kizo Hisamoto, kubera imbaraga yashyize muri gahunda zigamije gutsura umubano w'u Buyapani n'u Rwanda, kuko ari we wasuye u Rwanda mu kwezi kwa Kanama 2026, hamwe n'intumwa yari ayoboye zirimo abari mu nzego z'abikorera."

Ambasaderi Yasushi Misawa, uhagarariye Guverinoma y'u Buyapani, yavuze ko gufungura ibi biro bizatanga amahirwe yo kurushaho guteza imbere imikoranire hagati y'impande zombi mu nzego zitandukanye.

Yagize ati: "Ni urubuga ruzatuma hatezwa imbere ibikorwa by'ubuhahirane n'ubucuruzi, guteza imbere uburezi, ibijyanye n'umuco n'izindi nzego nshya z'imikoranire."

Guverinoma y'u Rwanda isanzwe ifitanye ubufatanye n'u Buyapani binyuze mu Kigo cy'u Buyapani gishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (JICA), cyane cyane mu nzego zirimo ubuzima, ubuhinzi, uburezi n'izindi.

# Abari mu ngabo za Namibia bagiriye uruzinduko rw'akazi mu Rwanda

**SHEMA Ivan**

***Intumwa zigizwe n'abasirikare bakuru n'abakozi bashinzwe amasomo 30 bo mu ishuri rya gisirikare rya Namibia zaje mu Rwanda, mu ruzinduko rwamaze icyumweru rugamije kwiga ku bijyanye n'Ingabo n'umutekano, imiyoborere ndetse no kongera kubaka igihugu nyuma y'amakimbirane.***

Iryo tsinda ryari riyobowe n'Umuyobozi w'iyo kaminuza ya gisirikare, Brig Gen Erastus Benhard Nathinge, ryatangiye ibikorwa byaryo ku itariki ya 15 Nzeri, rihera ku cyicaro cya Minisiteri y'Ingabo y'u Rwanda (RDF) n'icyo GisirikariE

Abasirikare bagize iri tsinda basobanuriwe amateka y'iterambere rya RDF, uruhare igira mu iterambere ry'igihugu ndetse n'umusanzu wayo mu mutekano mpuzamahanga.

Brig. Gen. Patrick Karuretwa, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga mu bya Gisirikare akaba n'Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda, ni we watanze ikiganiro, afatanyije na Brig. Gen. Louis Kanobayire uyobora ishami rya RDF rishinzwe Uburezi, Amahugurwa n'Inyigisho za Gisirikare.

Brig. Gen. Karuretwa yavuze ko u Rwanda na Namibia bifitanye umubano ukomeye mu bijyanye n'ingabo n'umutekano, asobanura ko uru rugendoshuri ari umwanya wo "kungurana ubunararibonye, by'umwihariko mu burezi n'amahugurwa bya gisirikare."



Umuvugizi w'Ingabo z'u Rwanda Briig. Gen. Karuretwa yahaye ikiganiro abasirikare ba Namibia basuye u Rwanda

Abasirikare basobanuriwe uko RDF yagiye ihinduka, ikava ku mutwe w'ingabo wari ugamije kubohora igihugu ikaba ingabo z'Igihugu kandi z'umwuga, zifite uruhare mu iterambere ry'igihugu, amahoro mu Karere ndetse n'umutekano mpuzamahanga.

Brig. Gen. Nathinge, Umuyobozi wa Namibia Command and Staff College, yagarutse ku mubano umaze gushinga imizi hagati y'u Rwanda na Namibia, harimo n'uruzinduko rwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame muri Namibia mu 2019, rwashimangiye umubano w'ibyo bihugu.

Yavuze ko ingabo z'ibihugu byombi "zifatanya cyane mu mahugurwa ya gisirikare no guhuza imikorere mu bikorwa bya gisirikare," cyane cyane mu butumwa mpuzamahanga bwo kubungabunga amahoro.

Gahunda y'uru ruzinduko kandi ikubiyemo ibikorwa bigamije gufasha abo basirikare gusobanukirwa kurushaho amateka y'u Rwanda n'uburyo rwahanganye n'ingaruka za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Basuye kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, aho bunamiye inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mbere yo gusura Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside.

Abo basirikare kandi bazasura ishuri rikuru rya Gisirikare ry'u Rwanda riherereye mu Karere ka Musanze, aho biteganyijwe ko bazungukira ubumenyi bwisumbuyeho ku burezi, amahugurwa n'inyigisho za gisirikare.

Gahunda y'abo kandi ikubiyemo gusura ibigo byita ku mibereho y'abasirikare, birimo Ikigo cy'Imari cya Zigama CSS n'Ubwishingizi bwa Gisirikare Military Medical Insurance (MMI), ndetse n'ibindi bigo bya Leta.



Abasirikare bo muri Namibia basuye u Rwanda





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Kohereza amazi yanduye muri ruhurura, ni ukuroga urusobe rw'ibinyabuzima*

Uko abatuye Isi barushaho kwiyongera ni ko imijyi irushaho kwaguka, aho imiturire igomba gutegurwa, hadasigaye kugena imicungire y'imyanda n'amazi yanduye.

Amazi yanduye ubwayo ashobora kuva mu bwiherero, ubwogero, mu isuku rusange y'ibikoresho byo mu ngo, hakaba n'andi ava mu nganda, mu magaraji n'ahandi.

Amazi meza ni isoko y'ubuzima, ariko iyo yandujwe ashobora guhinduka intandaro y'indwara, kwangiza ibidukikije no guteza ibibazo bikomeye ku mibereho y'abaturage. Ni yo mpamvu ikibazo cyo kohereza amazi yanduye muri za ruhurura kigomba gufatwa nk'ikibazo cy'ubuzima rusange n'isuku, aho gufatwa nk'ikintu gisanzwe.

Mu bice bitandukanye by'imijyi, usanga hari abantu bohereza amazi yanduye mu miyoboro y'amazi y'imvura cyangwa za ruhurura. Ayo mazi ashobora kuba arimo imyanda, amavuta, imiti, ibisigazwa by'ibiribwa n'ibindi bihumanya. Iyo ageze mu bidukikije, ashobora kwanduza ubutaka n'amasoko y'amazi, ndetse akagira ingaruka ku binyabuzima biba mu mazi.

Ikindi kibazo gikomeye ni uko imyanda ijyanwa muri za ruhurura ishobora kuziba inzira z'amazi. Iyo imvura nyinshi iguye, amazi abura aho anyura, akuzura agateza imyuzure, kwangiza imihanda, inzu n'ibindi bikorwa remezo. Bityo, igikorwa umuntu ashobora kubona nk'icyoroshye cyo kumena amazi cyangwa imyanda ahatabugenewe gishobora kugira ingaruka ku baturage benshi.

Kurwanya iki kibazo bisaba uruhare rwa buri wese. Abaturage bagomba kwirinda gusuka amazi yanduye n'imyanda muri za ruhurura, ahubwo bagakoresha uburyo bwabugenewe bwo kubikusanya no kubitwara ahabugenewe. Abafite ibikorwa by'ubucuruzi n'inganda na bo bafite inshingano yo gucunga neza amazi y'imyanda no kubahiriza ibisabwa mu rwego rwo kurengera ibidukikije.

Ku ruhande rw'inzego zibishinzwe, hakenewe ubukangurambaga buhoraho, igenzura rikomeye n'ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko agenga isuku, isukura n'imicungire y'amazi yanduye.

Gushyiraho uburyo bw'imicungire y'amazi yanduye n'indi myanda yose si ukurinda inzira y'amazi gusa ni ukurinda ubuzima, ubutaka, ibinyabuzima n'ahazaza ha muntu muri iyi Si ituwemo n'abaturage barushaho kwiyongera ariko ubutaka baturaho butiyongera.

Niba dushaka imijyi isukuye kandi itekanye, tugomba guhindura imyumvire kuko ruhurura zubakirwa kuyobora amazi y'imvura si aho kohereza amazi yanduye n'indi myanda yose.

**Ubwanditsi**

# MINUBUMWE yagaragaje akaga k'imvugo zihembera urwango ku mbuga nkoranyambaga




Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Mahoro Eric

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yaburiye abakoresha imbuga nkoranyambaga biganjemo urubyiruko, gushungura bakamenya abo bakurikira, bakamenya n'ibyo batangariza kuri izo mbuga kuko bashobora kwisanga mu buyobe bwo gutangaza imvugo zihembera urwango cyangwa bagakurikira abazikwirakwiza, bikabasenya bidasize n'Igihugu.***

Ni ibyagarutsweho mu biganiro byabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Kigali ruri ku Gisozi ku wa Gatanu tariki ya 18 Nzeri 2026, byahurije hamwe abiganjemo urubyiruko ruba mu miryango yimakaza amahoro, abahanzi, abanyamakuru na bamwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga, aho bigaga ku kubaka amahoro arambye by'umwihariko hakoreshejwe imbuga nkoranyambaga harwanywa imvugo zihembera urwango hifashishijwe izo mbuga.

Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Mahoro Eric yasobanuye ko urubyiruko rufite uruhare rukomeye mu kwirinda no kurwanya abakoresha imbuga nkoranyambaga bahembera urwango, ariko anabibutsa ko ibyo babikora kuko babanje kumenya ingaruka z'ikibi n'ibyiza byo kuba umuntu muzima wubakiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda wimakaza amahoro n'urukundo.

Yagaragaje ko abakoresha imbuga nkoranyambaga bakurikirwa cyane kandi ubutumwa batanga bugira uruhare mu guhindura imyumvire y'ababakurikira, ariko iyo batanga ubutumwa bubi bashobora kuyobya benshi mu gihe gito.

Ati: "Iyo ukurikiye ikibi ugana ahabi. Ni yo mpamvu twibanze ku gukorana n'urubyiruko rukoresha imbuga nkoranyambaga kugira ngo babanze bahinduke babe abanyamahoro, bahinduke beza, bajye mu ngamba zo gusigasira indangagaciro na kirazira z'umuco nyarwanda."

Mahoro yagaragaje ko kurwanya imvugo z'urwango bidakwiye gutangirira ku mvugo ubwayo gusa, ahubwo ko hakwiye kubanza kurebwa imyitwarire ituma abantu bateshuka ku ndangagaciro na kirazira z'umuco kuko ari byo bibyara urwango n'ivangura. Ni na yo mpamvu hari gushyirwa imbaraga mu kwigisha urubyiruko amateka no kububakira ubushobozi butuma bagira ubushishozi mu byo bakwirakwiza n'ibyo bakurikira ku mbuga nkoranyambaga.

Umuryango Mpuzamahanga uharanira Amahoro Arambye, (Interpeace), wasabye abakurikira n'abakoresha imbuga nkoranyambaga kujya babanza kwibaza niba ubutumwa bagiye kumva cyangwa gutanga bufite icyo bwungura mu mibereho y'abantu cyangwa ari ibikwirakwiza amagambo arema amacakubiri.

Kayitare Frank uyobora Interpeace mu Rwanda, yagize ati: "Mugerageze kubirwanya mwumve ko ntacyo bimaze. Bityo icyo ugiye kwandika cyangwa kuvuga wumve niba ari icyateza imbere imibanire myiza."

Kayitare yongeyeho ko bidakwiye ko abantu basakaza ubutumwa bwibasira abantu cyangwa amatsinda y'abantu hatabayeho kubanza kumenya ukuri, ahubwo abakoresha imbuga nkoranyambaga bagahitamo gutangaza ibyubaka.

Yagaragaje ko urubyiruko rw'u Rwanda rukwiye kwigira ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakayashingiraho barwanya ikibi cyose aho cyatera gituruka, bakarinda abazabakomokaho ko bakwisanga mu mateka y'ibyabaye.

Yongeyeho ati: "Mufite umwanya mwiza wo kwigira ku byabaye ariko mufite n'uruhare rwo kwigisha abazabakomokaho."

Bamwe mu rubyiruko rukoresha imbuga nkoranyambaga bemera ko bahura n'ubutumwa buhembera urwango n'ivangura kandi hari abantu bamaze kubifata nk'akazi bagakoresha igihe cyabo n'ubwenge basakaza ubutumwa busenya.

Bashimangira ko kurwanya abayobya Abanyarwanda bikwiye guhera ku bana bakiri bato bigishwa urukundo, bikazamukira no mu bakoresha izo mbuga bakamenya gutandukanya icyiza n'ikibi.

Izampabyose Innocent yagize ati: "Nkurikije ibyo mbona n'ibyo mpura na byo mbona guhembera urwango byarabaye akazi kuri bamwe mu rubyiruko, ariko icyo nakora ni uguca ukubiri n'ibyanyobya ariko nanone urukundo rukigishwa kuva mu buto."

Umuhire Carine na we ati: "Hakenewe ibiganiro bihoraho byigisha urubyiruko urukundo, indangagaciro zishingiye ku muco Nyarwanda n'uko bakoresha imbuga nkoranyambaga batayobya abantu kuko hari abakora ibibi bibwira ko ari byo byatuma bakurikirwa."

Ubushakashatsi bwakozwe na MINUBUMWE mu 2025, bugaragaza igipimo cy'ubumwe bw'Abanyarwanda bwerekanye ko imvugo z'urwango zikomeje kuba ikibazo gihangayikishije, aho abagera kuri 40% bavuze ko imbuga nkoranyambaga zo hanze y'Igihugu zisenya ubumwe n'ubwiyunge.

Abagera kuri 58% kandi bavuze ko itangazamakuru ryo mu mahanga ribangamira urugendo rwo kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu Banyarwanda, bivuze ko 42% basigaye ari bo bonyine bemeza ko itangazamakuru ryo mu mahanga rishyigikira ubumwe n'ubwiyunge.

# Ubucuruzi muri EAC bwageze kuri miliyari 52.3 z’amadolari ya Amerika



EAC yagize izamuka rikomeye mu bucuruzi mu gihembwe cya kabiri cya 2026

ZIGAMA Theoneste

***Umuryango wa Afurika y’Iburasirazuba (EAC) wagize izamuka rikomeye mu bucuruzi mu gihembwe cya kabiri cya 2026, aho agaciro k’ubucuruzi bwose hamwe kageze kuri miliyari 52.3 z’amadolari ya Amerika.***

Ukwiyongera kw’ibyoherezwa mu mahanga kwatumye Akarere k’Uburasirazuba gakomeza kugira umusaruro mwiza w’ubucuruzi, mu gihe ubucuruzi hagati y’ibihugu bigize Umuryango ndetse n’ubukorwa n’amasoko akomeye yo muri Afurika no ku rwego mpuzamahanga bwakomeje kwaguka.

Ibi bikubiye muri raporo y’ibarurishamibare y’igihembwe mu Muryango wa EAC, itegurwa n’Ubunyamabanga bw’Umuryango wa Afurika y’Iburasirazuba ku bufatanye n’Ibiro bya buri gihugu bishinzwe Ibarurishamibare ndetse na Banki Nkuru z’ibihugu bigize Umuryango.

Ni raporo itanga amakuru ahujwe ku izamuka ry’ibiciro, ubucuruzi, amafaranga ari mu bukungu ndetse n’ibindi bipimo by’ingenzi by’ubukungu rusange, hagamijwe gufasha mu gufata ibyemezo bya politiki no gutegura gahunda z’iterambere.

Raporo y’Ibarurishamibare y’igihembwe izwi nka ‘EAC Quarterly Statistics Bulletin’ yo muri Mata kugeza Kamena 2026, igaragaza ko ubucuruzi bwose hamwe bwiyongereyeho 37.0%, buva kuri miliyari 38.2 z’amadolari mu gihembwe nk’icyo mu 2025.

Ibyoherezwa mu mahanga byiyongereyeho 41.3% bigera kuri miliyari 26.3 z’amadolari, mu gihe ibitumizwa mu mahanga byazamutseho 32.9% bigera kuri miliyari 26.0 z’amadolari ya Amerika.

Umuryango wa Afurika y’Iburasirazuba wagize umusaruro w’ubucuruzi wa miliyari 0.3 z’amadolari, ugereranyije n’igihombo cy’ubucuruzi cya miliyoni 945.3 z’amadolari cyari cyagaragaye mu mwaka wabanje.

Amasoko yo muri Afurika yakomeje kugira uruhare rukomeye mu izamuka ry’ibyoherezwa mu mahanga by’aka Karere.

Ibyoherezwa mu bihugu bya Afurika byiyongereyeho 44.3%, bigera kuri miliyari 7.2 z’amadolari, bingana na 27.5% by’ibyoherezwa mu bihugu bya EAC.

Ibyoherezwa mu bihugu bigize Umuryango w’Afurika y’Amajyepfo (SADC) byiyongereyeho 50.8%, bigera kuri miliyari 5.1 z’amadolari, mu gihe ibyoherezwa mu bihugu bigize Isoko Rusange ry’Afurika y’Iburasirazuba n’Amajyepfo (COMESA) byazamutseho 48.3%, bigera kuri miliyari 3.1 z’amadolari ya Amerika.

Ubucuruzi hagati y’ibihugu bigize EAC na bwo bwakomeje kuzamuka, aho ibyoherezwa hagati y’ibihugu bigize uyu muryango byiyongereyeho 33.2%, bigera kuri miliyari 3.2 z’amadolari ya Amerika.

Raporo igaragaza uruhare rw’ibyo bihugu ko mu byoherezwa mu bihugu bigize umuryango EAC rwaragabanyutse, ruva kuri 12.8% mu gihembwe cya kabiri cya 2025 rugera kuri 12.1% mu gihembwe nk’icyo cya 2026.

Ibi byatewe n’uko ibyoherezwa mu masoko yo hanze ya EAC byazamutse ku muvuduko uruta uw’ubucuruzi hagati y’ibihugu bigize Umuryango, nubwo ubucuruzi hagati y’ibihugu by’abafatanyabikorwa ba EAC bwiyongereye.

U Bushinwa bwakomeje kuba isoko rimwe rukumbi rinini EAC yoherezamo ibicuruzwa ndetse n’ahava ibicuruzwa byinshi bitumizwa mu mahanga.

Ibyoherezwa mu Bushinwa byikubye hafi kabiri, biva kuri miliyari 5.7 z’amadolari ya Amerika mu gihembwe cya kabiri cya 2025 bigera kuri miliyari 10.7 z’amadolari ya Amerika mu gihembwe nk’icyo cya 2026, ahanini bitewe n’amabuye y’agaciro n’ibindi bikoresho fatizo.

Ibicuruzwa byatumijwe mu Bushinwa na byo byariyongereye, biva kuri miliyari 4.7 bigera kuri miliyari 7.1 z’amadolari ya Amerika. Leta Zunze Ubumwe z’Abarabu na Afurika y’Epfo na byo byari mu masoko akomeye EAC yoherezamo ibicuruzwa, mu gihe u Buhinde, Leta Zunze Ubumwe z’Abarabu, Arabiya Sawudite, Leta Zunze Ubumwe za Amerika n’u Buyapani byari mu bihugu by’ingenzi EAC yatumizagamo ibicuruzwa.

Raporo igaragaza ko amabuye y’agaciro yagize 61.9% by’ibyoherezwa mu mahanga byose, bivuye kuri 58.7% mu mwaka wabanje. Ibi bigaragaza ko aka Karere kakomeje gushingira ku musaruro ukomoka ku kohereza amabuye y’agaciro mu mahanga.

Ikawa, icyayi n’imboga na byo byakomeje kuba bimwe mu bicuruzwa by’ubuhinzi byoherezwa mu mahanga. Ibikomoka kuri peteroli ni byo byari ku isonga mu byatumijwe mu mahanga, bikurikirwa n’imashini, ibinyabiziga bitwara abantu n’ibintu ndetse n’ibikoresho by’inganda.

**Izamuka ry’ibiciro**

Raporo igaragaza ko igitutu cy’izamuka ry’ibiciro cyagabanyutse muri icyo gihembwe, aho izamuka rusange ry’ibiciro ku mwaka mu Karere ka EAC, ryavuye kuri 11.1% muri Mata, rigera kuri 10.7% muri Gicurasi, ndetse rigera kuri 7.8% muri Kamena 2026.

Igipimo cyo muri Kamena cyari hasi cyane ugereranyije na 22.7% cyari cyabonetse mu mwaka wabanje. Ku bijyanye n’impinduka z’ibiciro kuva ku kwezi kumwe kugera ku kundi, igipimo cy’ibiciro mu Karere cyagabanyutseho 0.8% muri Kamena, nyuma yo kuzamukaho 1.2% muri Gicurasi.

Izamuka ry’ibiciro by’ibicuruzwa n’ibikorwa by’ibanze, hatabariwemo bimwe mu bicuruzwa bifite ibiciro bihindagurika cyane (core inflation), ryavuye kuri 6.2% muri Mata, rigera kuri 6.4% muri Gicurasi na 7.0% muri Kamena.

Raporo ikomeza igira iti: “Nubwo iki gipimo cyari hasi cyane ugereranyije na 19.3% cyariho muri Kamena 2025, iri zamuka ryagaragazaga ko igitutu cy’ibiciro by’ibicuruzwa n’ibikorwa by’ibanze cyakomeje kubaho, nubwo izamuka rusange ry’ibiciro ryagabanyutse.”

Izamuka ry’ibiciro by’ibiribwa ryageze kuri 10.1% muri Kamena, rivuye kuri 9.5% muri Gicurasi, ariko rikomeza kuba hasi cyane ugereranyije na 37.5% ryariho muri Kamena 2025.

Izamuka ry’ibiciro by’ingufu, ibikomoka kuri peteroli

KOMEZA KU RUP.9





# Ubucuruzi muri EAC bwageze kuri miliyari 52.3 z’amadolari ya Amerika

IBIKURIKIRA URUP.8

n’ibikorwa by’ibanze (Energy, Fuel and Utilities) ryaragabanyutse rigera kuri 11.1% muri Kamena, rivuye kuri 14.2% muri Gicurasi.

Icyakora, ryakomeje kuba hejuru ya 6.3% ryariho muri Kamena 2025, bigaragaza ko muri iki cyiciro igitutu cy’ibiciro ku mwaka cyari gikomeye kurusha uko byari bimeze umwaka wabanje.

Muri Kamena, izamuka rusange ry’ibiciro ku mwaka ryari 13.0% mu Rwanda no muri Sudani y’Epfo, 8.0% mu Burundi, 6.5% muri Kenya, 4.0% muri Tanzania na 3.7% muri Uganda. Muri Sudani y’Epfo, iki gipimo cyavuye kuri 23.1% muri Gicurasi, mu gihe mu Rwanda cyagumye kuri 13.0%.

Mu mwaka w’ingengo y’imari wa 2025/26, impuzandengo y’umwaka y’izamuka rusange ry’ibiciro mu Karere yaragabanyutse igera kuri 14.2%, ivuye kuri 23.0% mu mwaka wa 2024/25.

Raporo ivuga ko iri gabanyuka ryatewe ahanini n’igabanyuka ry’izamuka ry’ibiciro muri Sudani y’Epfo no mu Burundi, aho impuzandengo y’umwaka yavuye kuri 179.4% igera kuri 43.2% muri Sudani y’Epfo, naho mu Burundi ikava kuri 33.3% igera kuri 18.0%.

**Imikorere ya Politiki y’Imari n’Ubwiyongere bw’Inguzanyo**

Raporo y’ibarurishamibare y’igihembwe, igaragaza ko impinduka ku nyungu z’imari zitandukanye mu bihugu by’abafatanyabikorwa mu gihembwe cya kabiri cya 2026.

Ugereranyije n’igihembwe cya mbere, Tanzania ni yo yagize igabanyuka rinini ku nyungu aho zagabanyutseho amanota 60 shingiro zigera kuri 3.6%, mu gihe Kenya ari yo yagize izamuka rinini, ry’amanota 120 shingiro, zigera kuri 8.7%. Uganda ni yo yari ifite igipimo cyo hejuru mu bihugu byatanze amakuru, aho cyari 10.2%.

Inyungu ku nguzanyo zazamutse muri Tanzania, mu Burundi no mu Rwanda, aho u Rwanda rwagize izamuka rinini ry’amanota 30 shingiro, rugera kuri 14.4%. Izo nyungu zagabanyutse muri Kenya, Uganda na Sudani y’Epfo.

Nubwo inyungu ku nguzanyo muri Uganda zagabanyutse ziva kuri 18.9% zigera kuri 16.9%, zakomeje kuba ari zo nyinshi mu bihugu byatanze amakuru.

Inyungu ku mafaranga abikwa muri banki zazamutse muri Tanzania, mu Burundi no mu Rwanda, zigabanyuka muri Kenya na Uganda, mu gihe muri Sudani y’Epfo zagumye uko zari ziri.

Itandukaniro hagati y’inyungu ku nguzanyo n’iz’amafaranga abikwa (interest rate spread) na ryo ryari ritandukanye cyane. Sudani y’Epfo ni yo yari ifite itandukaniro rinini, ringana na 15.6%, mu gihe u Rwanda rwari rufite rito, ringana na 4.3%.

Inguzanyo zatanzwe mu nzego z’ingenzi z’ubukungu zarazamutse, nubwo umuvuduko w’izamuka watandukanye. Inguzanyo z’ubucuruzi bwo kugurisha no gucuruza, zazamutseho 29.1% ugereranyije n’umwaka wabanje, iz’ubuhinzi zazamutseho 25.6%, naho iz’ubwubatsi ziyongeraho 22.9%. Inguzanyo z’imitungo itimukanwa zazamutseho 6.2%, mu gihe iz’inganda ziyongereyeho 0.9% gusa.

Inguzanyo zahawe Leta n’izahawe ibigo bya Leta zitari iby’imari zagaragaje imigendekere itandukanye. Inguzanyo Leta ibereyemo amabanki n’izindi nzego z’imari, nyuma yo gukuramo umutungo Leta ifitiye izo nzego (Net Credit to Central Government), zazamutseho 7.5% ugereranyije n’umwaka wabanje, zigera kuri miliyari 37.5 z’amadolari, mu gihe inguzanyo zahawe ibigo bya Leta bitari iby’imari, nyuma yo gukuramo umutungo ibyo bigo bifitiye inzego z’imari, zagabanyutseho 3.1%, zigera kuri miliyoni 650 z’amadolari ya Amerika.

# Ibyaha by’ihohoterwa bikorerwa ku mubiri byagabanyutseho 33,7% kubera guca ‘Ibyuma’




Guca inzoga z’ibyuma byagabanyije ibyaha zatezaga

ZIGAMA Theoneste

***Polisi y’u Rwanda yagaragaje ko umubare w’ibyaha bijyanye n’ihohoterwa rikorerwa ku mubiri byagaragajwe wagabanyutseho 33,7% hagati ya Nyakanga na Kanama, mu gihe inzego zishinzwe umutekano zakomeje ibikorwa byo guhangana n’inzoga zitemewe zizwi nk’Ibyima.***

Imibare ya Polisi y’u Rwanda igaragaza ko mu mpera za Nyakanga 2026 hari hamaze kugaragara ibyaha 652 by’ihohoterwa rikorerwa ku mubiri.

Mu mpera za Kanama, uwo mubare wari umaze kugera kuri 432, bivuze ko hagabanyutse ibyaha 220.

Iryo gabanyuka ryabaye mu gihe inzego z’ubutabera n’iz’umutekano zakajije ibikorwa byo kurwanya inzoga zitemewe, nyuma y’uko hagaragajwe impungenge ku ngaruka zazo ku buzima, umutekano w’abaturage n’ibindi bibazo by’imibereho.

Ibikorwa byo kurwanya inzoga zitemewe byakajijwe guhera mu mpera za Nyakanga no mu ntangiriro za Kanama, nyuma y’uko hakomeje kugaragazwa ingaruka z’ubuzima n’imibereho ziterwa no kunywa ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.

Ku wa 4 Kanama 2026, Urwego rw’Ubugenzacyaha (RIB) rwatangaje ko mu byumweru bibiri byari byabanjirije uwo munsi, inzego z’ubuyobozi zari zimaze kugenzura ahakorerwa inzoga 246, zifunga inganda zigera kuri 110 ndetse zifata abantu 56 bakekwaho kugira uruhare mu bikorwa by’inzoga zitemewe.

Ibicuruzwa bifite agaciro karenga miliyari 2,6 Frw na byo byari byaramaze gufatwa, mu gihe hatanzwe amande agera kuri miliyoni 360 Frw.

Ibikorwa byo kugenzura no gufunga abakora ibyo bikorwa mu buryo butemewe byakomeje, aho RIB yatangaje ko kuva ku wa 2 Kanama, ibigo birenga 140 byari bimaze gufungwa, ndetse hanibutswa ko amoko menshi y’inzoga yakuwe ku isoko.

Nyuma yaho, RIB yatangaje ko abantu 104 bakekwaho kugira uruhare mu gukwirakwiza inzoga zitemewe bari bamaze gufatwa, mu gihe dosiye 97 zari zashyikirijwe Ubushinjacyaha guhera ku wa 20 Nyakanga.

Leta kandi yagaragaje ko kunywa inzoga nyinshi bifitanye isano n’ibindi bibazo byugarije imibereho y’abaturage.

Muri Nyakanga, Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu, Dominique Habimana, yavuze ko kunywa inzoga nyinshi bigira uruhare mu makimbirane yo mu miryango, abana bava mu ishuri, ubushomeri n’ibindi bibazo bigira ingaruka ku miryango n’urubyiruko.

Ibyo bikorwa byo guhangana n’inzoga zitemewe byaje bikurikiye raporo zagaragazaga ingaruka zikomeye ku buzima.

Abashinzwe ubuzima batangaje ko kuva mu ntangiriro za 2026, abantu barenga 50 bari bamaze gupfa, abarenga 100 barahuma kubera inzoga, mu gihe abarenga 500 bari bamaze kwivuza nyuma yo kunywa inzoga zitemewe.

# Urukiko rwatangiye kuburanisha mu mizi urubanza rwa Victoire Ingabire



Urubanza rwa Ingabire Victoire n'abo bareganwa 10 rwatangiye kuburanishwa mu mizi

ZIGAMA Theoneste

***Urukiko Rukuru rwatangiye kuburanisha mu mizi urubanza ruregwamo Victoire Ingabire n'abandi 10 baregwana, ku byaha bifitanye isano n'umugambi wo guhirika ubutegetsi no gukorana n'imitwe yitwaje intwaro irwanya u Rwanda, irimo RUD-Urunana.***

RUD-Urunana yashinjwe kugira uruhare mu gitero cyagabwe mu Karere ka Musanze mu 2019, cyahitanye abantu 14.

Ubushinjacyaha bwatangiye, ku wa Gatanu, tariki ya 18 Nzeri 2026, busobanura ibirego bushinja Ingabire, washinze ishyaka ritaremerwa n'amategeko y'u Rwanda DALFA Umurinzi, ndetse n'isano buvuga ko afitanye n'abandi 10 bareganwa.

Mu byo Ingabire akurikiranyweho harimo gushinga cyangwa kuba mu mutwe w'abagizi ba nabi, guteza imvururu muri rubanda, no gukwirakwiza amakuru abangamira umutekano agamije kwangisha u Rwanda n'ubutegetsi bwarwo ku rwego mpuzamahanga n'ibindi.

Ubushinjacyaha kandi bwavuze ko Ingabire yari afitanye imikoranire n'ihuriro rya P5 ryahuzaga imitwe itandukanye irwanya ubutegetsi bw'u Rwanda, irimo RNC yashinzwe na Kayumba Nyamwasa, FDU-Inkingi, Amahoro People's Congress, PDP-Imanzi na PS-Imberakuri (igice cya Bernard Ntaganda).

Ubushinjacyaha bwabwiye urukiko ko Ingabire akurikiranyweho ibikorwa buvuga ko byari bigamije guhirika ubutegetsi buriho bigakorwa mu bihe bitandukanye.

Bwavuze ko Ingabire yavukiye kandi akurira mu Rwanda, nyuma akajya gutura mu Buholandi, aho yaje kugira uruhare muri politiki y'abarwanya ubutegetsi bw'u Rwanda, binyuze mu mutwe wa RDR, washinzwe mu 1995 n'Abanyarwanda bari mu buhungiro. Nyuma yaje kuyobora FDU-Inkingi, mbere yo gushinga DALFA Umurinzi mu 2019.

Ingabire wari warafunzwe nyuma aza gufungurwa ahawe imbabazi na Perezida wa Repubulika, Ubushinjacyaha bwavuze ko nyuma yo kurekurwa ku wa 15 Nzeri 2018, yongeye gukorana na FDU-Inkingi ndetse n'indi mitwe ikorera hanze y'u Rwanda, mu bikorwa buvuga ko byari bigamije guhirika ubutegetsi.

Ubushinjacyaha bwavuze ko ibikorwa by'uyu mutwe byakoreshaga uburyo bw'imbaraga ndetse n'ubwo Ingabire yasobanuye nk'ubudakoresha imbaraga.

Ubushinjacyaha kandi bwagarutse ku mahugurwa bwavuze ko yategurirwaga abanyamuryango ba DALFA Umurinzi, aho ayo mahugurwa yitwaga ko ari ayo kwiga ururimi rw'Icyongereza, ariko ko mu by'ukuri yari agamije kwigisha abayitabiraga uburyo bwo kurwanya ubutegetsi.

Bwavuze kandi ko abitabiraga ayo mahugurwa bahabwaga amazina atari ayabo kandi bagasabwa gukoresha porogaramu z'ikoranabuhanga rya Signal na Telegram mu itumanaho aho gukoresha WhatsApp.

Ubushinjacyaha bwavuze ko Ingabire muri iryo huriro yahuzaga abari mu Rwanda n'abari hanze yarwo, ndetse ko yanagize uruhare mu kuyategura.

Abitabiraga ayo mahugurwa kandi ngo bigishwaga uburyo bwo kutagira uruhare mu bikorwa bimwe bya Leta, kuyoboka gahunda zo kuyigomekaho no gukangurira abaturage ibikorwa runaka, ibyo Ubushinjacyaha bwavuze ko byakorwaga hifashishijwe imbuga n'itangazamakuru.

Ubushinjacyaha bwavuze ko ibyo bikorwa byo gukangurira abaturage kwanga Leta byagizwemo uruhare n'umunyamakuru Théoneste Nsengimana wa Umubavu TV ndetse na Dieudonné Niyonsenga uzwi nka Cyuma Hassan.

Mu bimenyetso Ubushinjacyaha bwavuze ko bushingiraho harimo ubuhamya bw'abatangabuhamya, inyandiko, amajwi n'amashusho.

Umwe mu batangabuhamya witwa Nzabandora ni umwe mu bavuzwe n'Ubushinjacyaha, aho bwavuze ko yatanze ubuhamya ku byerekeye ayo mahugurwa ndetse akanatanga amajwi yafashwe.

Urukiko Rukuru rwahaye Ubushinjacyaha iminsi ine yo gutanga ibimenyetso n'ibisobanuro byabwo, nyuma yaho abaregwa bakazatangira kwiregura ku byo baregwa.

Iburanisha rizakomeza ku wa Mbere tariki ya 21 Nzeri 2026, ubwo Ubushinjacyaha buzakomeza kugaragaza ibirego n'ibimenyetso byabwo ku baregwa.

# Mu myaka 6, imanza 4 474 zatanzwemo igihano cy'imirimo y'inyungu rusange



Abasaga 1 400 bahawe igihano nsimburagifungo mu myaka 6 ishize

TWAGIRA Wilson

***Urwego rw'Ubutabera mu Rwanda rwatangaje ko mu myaka itandatu ishize, imanza 4 474 zatanzwemo igihano cyo gukora imirimo y'inyungu rusange, aho bamwe mu bakatiwe icyo gihano bagikora baturutse mu ngo zabo, mu gihe abandi bagikorera mu bigo byabugenewe.***

Urwego rw'Ubutabera rugaragaza ko mu 2018, igihano cy'imirimo y'inyungu rusange cyatanzwe mu manza 15, mu gihe mu 2019 izi manza zageze kuri 368. Mu 2020, imanza zatanzwemo icyo gihano zari 326, naho mu 2021 zigera kuri 339.

Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko z'u Rwanda, Nkurunziza Valens, yabwiye itangazamakuru ko 2024 ari wo mwaka wagaragayemo imanza nyinshi zatanzwemo igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, kuko zatanzwe mu manza 1 462, mu gihe mu 2025 zagabanyutse cyane, zigera kuri 584.

Ku birebana n'inkiko zatanze icyo gihano mu manza nyinshi, Urukiko rw'Ibanze rwa Nyagatare rumaze kugitanga mu manza 554. Umubare munini w'abakatiwe icyo gihano bakorera mu bigo byabugenewe, mu gihe abandi bagikora baturutse mu ngo zabo.

Mu kiganiro n'abanyamakuru cyahuje inzego zitandukanye zifite ubutabera mu nshingano, Umugenzuzi Mukuru w'Inkiko yibukije ko igihano cy'imirimo y'inyungu rusange kidatangwa ku byaha byose.

Yagize ati: "Itegeko riteganya ko hari ibyaha bimwe na bimwe, bigera kuri bitandatu, ubu ni byo dufite, aho muri iyo myaka icyo gihano cyatanzwe cyane ni mu 2024, kuko cyatanzwe mu manza zisaga 1 462.

Kugeza mu 2024, habarurwaga abasaga ibihumbi 20 bakatiwe icyo gihano, harimo n'abataragishyira mu bikorwa."

Mu 2025, ni bwo Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) rwatangiye gushyira mu bikorwa igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, ku ikubitiro hatangira abantu 800.

Ku birebana n'imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, itegeko riteganya ko iyo igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gitanzwe nk'igihano cy'iremezo, urukiko rugena igihe ntarengwa kizamara, ariko icyo gihe ntigishobora kurenga amezi atandatu.

Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gishobora kandi gutangwa nk'igihano gisimbura ikindi gihano. Muri icyo gihe, gitangwa iyo icyaha gihanishwa igifungo kirenze amezi atandatu ariko kitarengeje imyaka itanu. Urukiko rushobora gutegeka uwagikatiwe kurangiza igice cy'igihano akora imirimo y'inyungu rusange mu gihe kitarenze imyaka ibiri.

Iyo uwahamwe n'icyaha adakoze neza cyangwa ku bushake igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, arangiriza mu igororero igihano gisigaye yakatiwe.

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange, mu gihe Urwego rw'u Rwanda Rushinzwe Igorora (RCS) rukora urutonde rw'abantu bakatiwe icyo gihano, rukarushyikiriza Uturere abakatiwe babarizwamo.





# RwandAir yegukanye igihembo cyo kwakira no guha serivisi nziza abakiliya muri Afurika



RwandAir yahawe igihembo kubera kwakira no guha serivisi nziza abakiliya

SHEMA Ivan

***Sosiyete Nyarwanda y'Ubwikorezi bwo mu Kirere (RwandAir) yahawe igihembo cyo kwakira no guha serivisi nziza abakiliya muri Afurika, mu bihembo bya Skytrax World Airline Awards bya 2026.***

Ni igihembo RwandAir yegukanye ku wa Gatanu, tariki ya 18 Nzeri 2026, aho yagihawe n'ikigo Skytrax gisanzwe gitanga ibihembo ku bigo by'indege n'ibibuga by'indege by'indashyikirwa ku Mugabane wa Afurika.

Umuhango wo gutanga ibi bihembo by'umwaka wa 2026 wabereye i London mu Bwongereza, ukaba waritabiriwe n'abayobozi ba Sosiyete z'indege zo hirya no hino ku Isi.

Mu butumwa iyi sosiyete yashyize hanze, yavuze ko yahawe iki gihembo kubera ubufatanye bw'abakozi n'abagenzi bayigana.

Yagize iti: "Ku bagenzi bacu mwarakoze kuba muduhitamo, mukatugirira icyizere mudushinga ingendo zanyu, muduha amahirwe yo kubakira no kubasangiza ubwiza bw'Igihugu cyacu.

Ku itsinda ryacu ridasanzwe, mwarakoze ku bw'urugwiro, ubunyamwuga n'ubwitange bigaragarira mu byo mukora kuri buri rugendo rw'indege, mu bikorwa byose ndetse no mu buryo mwakira kandi mukitaho buri mugenzi, iki gihembo namwe ni icyanyu."

Mu mwaka ushize wa 2025, muri ibi bihembo bizwi nka 'World Airline Awards" Rwanda Air yari yahawe igihembo cy'umwaka nka sosiyete nziza ya mbere mu zikorera ubwikorezi bwo mu kirere ku Mugabane wa Afurika.

Mu bindi bihembo byatanzwe muri uyu mwaka, Singapore Airlines ni yo yahize ibindi bigo by'indege ku Isi. Ni umwanya yasimbuyeho Qatar Airways isanganywe imikoranire na RwandAir yafashe umwanya wa kabiri, ku mwanya wa gatatu haza Cathay Pacific, umwanya wa kane haje ANA All Nippon Airways mu gihe Turkish Airlines yaje ku mwanya wa gatanu.

Ku Mugabane wa Afurika sosiyete y'indege yahize izindi ni Ethiopian Airways, biba inshuro ya Cyenda yikurikiranya iyi sosiyete yegukana iki gihembo.

RwandAir ni sosiyete y'igihugu yatangiye ingendo ku wa 1 Ukuboza mu 2002 yitwa Rwandair Express. Mu 2009 yaje guhindura izina yitwa RwandAir, ari na ryo ikoresha kugeza ubu.

Kugeza ubu RwandAir ifatwa nka Sosiyete z'indege ziri gutera imbere byihuse, aho ikora ingendo zijya hirya no hino muri Afurika, Aziya n'i Burayi.

Mu ndege ikoresha harimo Boeing 737-800NG, Boeing 737-700NG, Bombardier Q-400NG na Airbus A330-200.

# NEC izakoresha bakorerabushake 70 000 mu matora y'Inzego z'ibanze

IMVAHO NSHYA

***Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC) yatangaje ko mu matora y'abayobozi mu Nzego z'ibanze u Rwanda rurimo kwitegura mu kwezi gutaha, izakoresha abakorerabushake ibihumbi 70.***

Amatora y'inzego z'ibanze azaba kuva ku wa 10 Ukwakira kugeza ku wa 15 Ukuboza 2026.

Biteganyijwe ko mbere y'uko amatora yo gutora abayobozi bashya b'inzego z'imiyoborere zegerejwe abaturage n'abagize Inama z'Igihugu atangira, ku wiriza mashya agenga amatora, kandi vuba bazahugurwa ku migenekere y'amatora nyirizina."

Musabyimana yavuze ko abakorerabushake b'amatora bagomba kuba bazi neza ingengabihe irambuye y'amatora ndetse n'intambwe imaze guterwa mu myiteguro yayo, aho izi gahunda zo kubongerera ubushobozi zatangiye muri Kamena 2026.

Abakorerabushake bahuguwe ku Itegeko Ngenga rishya ryo mu 2026 rigenga amatora ndetse n'inzego zizatorwa, zirimo inama njyanama ku nzego zose z'imiyoborere zegerejwe abaturage, kimwe na Komite Nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.

Bahuguwe kandi ku mahame n'imyitwarire igomba kuranga abakorerabushake b'amatora, arimo ubutabera no gukorera mu mucyo, inshingano zabo ndetse no kugira ubufatanye n'inzego n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye.

Abakorerabushake bafite uruhare rukomeye mu gufasha Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu bikorwa bitandukanye by'amatora, birimo kuyategura no kuyayobora.

NEC kandi yagiranye inama na Guverineri b'Intara, abagize Komite nyobozi n'inama njyanama z'Akarere, abahagarariye inzego z'umutekano, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abahagarariye ibyiciro byihariye, abagize Ihuriro ryAbafatanyabikorwa mu Iterambere (JADF), imiryango itari iya Leta, amadini n'amatorero, abikorera ndetse n'abandi bafatanyabikorwa.

Muri izo nama, abayitabiriye baganiriye ku ngamba zafasha kugira ngo amatora azagende neza. Muri zo harimo gutegura site z'itora, kugena ahazatorerwa no kureba ko ibikoresho n'ibindi byose bikenewe bihari, kugira ngo abatora babashe gutora mu mutekano n'ibindi.

Ku wa 16 Nzeri, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Oda Gasinzigwa, n'intumwa yari ayoboye bagiranye ibiganiro n'ubuyobozi bwa Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu ku myiteguro y'amatora y'abayobozi b'inzego z'imiyoborere zegerejwe abaturage ndetse no ku kurengera uburenganzira bwa muntu mu gihe cy'amatora.

Mu rwego rw'imyiteguro, ku wa Kane tariki ya 17 Nzeri, Gasinzigwa n'abandi bayobozi ba NEC bahuye na Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Consolee Uwimana, Umuyobozi Mukuru w'Urwego rushinzwe Kugenzura Iyubahirizwa ry'Uburinganire ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bagira uruhare mu iterambere ry'umuryango.

NEC yabagejejeho amakuru ku ntambwe imaze guterwa mu myiteguro y'amatora ndetse n'uruhare rw'abagore muri aya matora.

Hanashimangiwe akamaro k'abagore bitabira amatora, haba mu gutora ndetse no kwiyamamariza imyanya yose izatorerwa.



Abakorerabushake ibihumbi 70 ni bo bazifashishwa mu matora

wa 1 Ukwakira, NEC izatangira kwakira indererezi zizakurikirana ibikorwa by'amatora kugira ngo bakurikirane uko amatora azagenda.

Aya matora azagaragaza abayobozi bashya, atangiriye ku rwego rw'Umudugudu, akomereze ku rwego rw'Akagari, Umurenge n'Akarere.

Hazatorwa kandi abagize komite nyobozi z'Inama y'Igihugu y'Abagore, Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite Ubumuga.

Izi nama na zo zizatora abayobozi bazo kuva ku nzego z'ibanze kugeza ku rwego rw'igihugu.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora (NEC), Musabyimana Jean Claude, yabwiye itangazamakuru ati: "Hafi abakorerabushake 70 000 bamaze guhugurwa ku mategeko n'amab-

# Imbere mu nkuta z'Igororero ry'abana: Ubuzima n'uburezi by'abana bagororerwa i Nyagatare

MICOMYIZA BARINDA Fidele

***Iyo umuntu agonganye n'amategeko ari hagati y'imyaka 14 na 18 na we ashobora gukatirwa n'urukiko igihano cyo kumara igihe runaka mu Igororero, mu gihe uri munsi y'iyo myaka we ashobora kujyanwa mu bigo ngororamuco agasubizwa ku murongo ategurirwa kuba umuturage uboneye.***

Imvaho Nshya yasuye Igororero ryabana rya Nyagatare ikora inkuru ijyanye n'ubuzima n'imibereho y'abana bahagororerwa.

Igororero ry'abana rya Nyagatare rihererereye mu Murenge wa Nyagatare, mu Karere ka Nyagatare, hafi ya Stade y'Akarere. Ricumbikiye abana 528, barimo abakobwa 23, bafite hagati y'imyaka 14 na 18, bahagororerwa kubera ibyaha bitandukanye.

Ucyinjira mu kigo, kimwe mu bintu bihita bigaragara ni amashuri. Inyubako z'amashuri ziri mu bikorwa remezo by'ibanze bigize iryo gororero, aho abana biga kuva ku mashuri abanza kugeza ku yisumbuye.

Aha ni hamwe mu hantu uburezi bwahawe umwanya ukomeye mu rugendo rwo kugorora aba bana.

Umuvugizi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Igorora, RCS, CSP Hillary Sengabo, avuga ko umwana ugeze mu igororero atarize ahita atangizwa amashuri, mu gihe uwari usanzwe yiga akomeza aho yari agejeje.

Ati: "Uje atarize tumutangiza kwiga, uwigaga we akomereza aho yari ageze."

Uretse amasomo asanzwe, abana biga n'imyuga itandukanye irimo ububaji, ubudozi, ubwubatsi, amashanyarazi no gusudira.

Ibi bituma igihe bamara mu igororero kitaba gusa igihe cyo kurangiza igihano, ahubwo kikaba n'umwanya wo kongera kubaka ubumenyi bashobora gukoresha nyuma yo gusubira mu buzima busanzwe.

Ubuyobozi bwa RCS buvuga ko abana bitabira ibizamini bya Leta muri iri gororero bagaragaza umusaruro ushimishije.

CSP Hillary ati: "Abana 11 bakoze ibizamini bisoza amashuri abanza bose baratsinze. Abandi 17 bakoze ibizamini bisoza icyiciro rusange na bo bose baratsinze, mu gihe 5 bakoze ibizamini bisoza amashuri yisumbuye na bo batsinze."

Akomeza avuga ko uyu musaruro ugaragaza ko uburezi butangirwa muri iri Gororero bufite umwanya ukomeye mu gufasha abana gukomeza amashuri yabo.

Masengesho Venuste yageze mu igororero afite imyaka 15. Avuga ko mbere yo kuza kuhagororerwa atitwaraga neza mu myigire, ariko ko ubuzima yasanze muri iri gororero bwamufashije kongera gushyira imbaraga mu ishuri.

Avuga ko amasomo atamufashije kubona ubumenyi gusa, ahubwo yanamwigishije kubana neza n'abandi.

Ati: "Nageze hano nsanga bariga, mpita nkomeza ishuri. 2023 ni bwo nakoze ikizamini cya Leta gisoza icyiciro rusange ndatsinda. N'ejobundi nasoje amashuri yisumbuye. Narahindutse kuko usibye kwiga amashuri asanzwe, nigishijwe no kubana neza n'abandi."

Ngabonziza Albert afite imyaka 18. Na we avuga ko igihe yageraga mu igororero ataretse amashuri, ahubwo yakomeje aho yari agejeje.

Agira ati: "Hanze narigaga, nkigera mu igororero nakomeje kwiga. Ubu nsoje umwaka wa gatatu w'amashuri yisumbuye, nabonye amanota 63 kandi nizeye ko nzakomeza nkaba umuntu ukomeye."

Avuga ko ishuri ryagize n'undi mumaro utagarukira ku manota.

Ati: "Kwiga byankuye mu bwigunge. Ubuyobozi bw'Igororero, abarezi na bagenzi banjye bamfasha kwiyakira."

Aya magambo agaragaza ko ku bana bari mu igororero, ishuri rishobora kuba ahantu ho gukomeza amasomo, ariko kandi rikaba n'umwanya wo kongera kwiyakira no kubaka umubano n'abandi.

Nubwo uburezi bufite umwanya ukomeye, umunsi w'abana bagororerwa muri Nyagatare nturangirira mu ishuri.

Bagira umwanya wo kwidagadura, gukina imikino itandukanye no kugaragaza impano zabo.

Ibi bikorwa bigamije kubafasha kugira ubuzima bwiza ku mubiri no mu mutwe, ariko kandi bikabafasha kubaka imibanire myiza hagati yabo.

Mu rugendo rwo kugororwa, ibi bikorwa bihurira ku ntego imwe: gufasha umwana kutabona igihe ari mu igororero nk'igihe cyo gutegereza igihano gusa, ahubwo agakoresha uwo mwanya mu kwiga no kwiyubaka.

Kwizera Leo, uzwi nka Duwaye, ni umwe mu bana bagororerwa muri Igororero rya Nyagatare akaba n'umuyobozi w'abandi bagororwa ndetse n'abanyeshuri, na we yarangije amashuri yisumbuye uyu mwaka.

Avuga ko amasomo n'inyigisho yahawe mu gihe yari mu Igororero byamufashije guhinduka no gutekereza ku buzima azasubiramo nyuma yo kurirangiza.

Ati: "Mu by'ukuri tubonye amahirwe yo gukomeza amashuri. Byadufasha gukabya inzozi cyane ko twagororotse."

Abo bana bafite icyifuzo cyo gukomeza amashuri yabo no kubona amahirwe yo kwiga muri kaminuza.

Kwizera avuga ko bifuza guhabwa amahirwe yo kugaragaza ko ibyo bakoze babyicuza kandi ko bashobora kuba abandi bantu nyuma yo kugororwa.

Ati: "Turasaba Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yacu ko yatugirira imbabazi akaduha amahirwe yo kwerekana ko ibyo twakoze tubyicuza kandi tutazabisubiramo."

Uburezi bw'abana bari muri Igororero rya Nyagatare ntabwo busigaye inyuma y'uburezi bw'abandi bana bo mu gihugu.

Akarere ka Nyagatare, ku mashuri ari mu Karere, gateganyiriza iri shuri ibikoresho bikenerwa, abarimu, amahugurwa y'abarimu n'ibindi bikorwa bigenerwa amashuri.

Ibi bituma ishuri ryo mu Igororero rikomeza kuba mu murongo w'uburezi busanzwe, mu gihe abana bo bakomeje no guhabwa izindi nyigisho zijyanye n'urugendo rwo kugororwa.


RCS ivuga ko umwana ugejeje imyaka 18 agifite igihe cyo kugororwa yimurirwa mu Igororero ry'abakuru. Icyakora, iyo akiri mu mashuri, hashobora kurebwa uburyo bwo kumworohereza kugira ngo abanze asoze amashuri, cyane ko mu magororero y'abakuru hatabamo amashuri asanzwe nk'ay'abana.



**Biga imyuga itandukanye irimo ubudozi, ububajii, ubwubatsi, gusudira ndetse n'amashanyarazi**



**Abana biga kuva mu mashuri abanza kugera ku yisumbuye**



**Mu biruhuko bafashanya gusubiramo amasomo buri wese iryo afitemo imbaraga kurusha abandi**





# Ubucukuzi, ubuhinzi bw'urumogi, gusoresha mu bifasha FDLR kuramba mu iterabwoba

KAMBANDA Noel

***Imyaka irenga 26 irashize umutwe w'iterabwoba wa FDLR ushinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahungiye mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ariko hari impamvu ziyongera ku ngengabitekerezo y'urwango n'amacakubiri zafashije uyu mutwe gushinga ibirindiro muri icyo gihugu uhungabanya umutekano w'Akarere k'Ibiyaga Bigari.***

Lt. Col. (Demob) Emilien Mpakaniye, wahoze mu buyobozi bwa FDLR, avuga ko uyu mutwe umaze imyaka myinshi wubakiye ubushobozi bwawo ku bikorwa bitandukanye by'ubukungu bikorwa mu bice wari warashinze imizi muri RDC.

Nubwo FDLR ifite uburyo bwinshi bwo kwishakira amafaranga mu bice igenzura, Lt. Col. (Demob) Emilien Mpakaniye avuga ko hari undi mutungo ukomeye uyifasha gukomeza ubushobozi bwa gisirikare: inkunga iva muri Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo.

Kuva mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo kugera muri Kivu y'Amajyaruguru, FDLR yashyizeho uburyo bwo gukusanya amafaranga ayifasha kugura intwaro, guhemba abarwanyi no gukomeza imikorere yayo nk'umutwe witwaje intwaro.

Lt. Col. (Demob) Mpakaniye, winjiye mu Ishuri Rikuru rya gisirikari rya FDLR (ESM) mu mwaka wa 1999, avuga ko kuva mu 2008 yari ashinzwe ibikorwa bijyanye n'amabuye y'agaciro muri FDLR. Mu 2011, avuga ko yahawe inshingano zo kurinda Gen. Sylvestre Mudacumura, wari umwe mu bayobozi bakuru b'uyu mutwe. Nyuma kandi yakoze mu cyitwaga "Biro bya Kane" bya FDLR, birebana n'ubutasi n'andi makuru y'umutekano.

Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwari bumwe mu nkingi zikomeye z'ubukungu bwa FDLR, akanemeza ko uyu mutwe wari ufite ibirombe byawo byihariye, ariko ko no mu birombe by'abandi bacukuraga mu duce twagenzurwaga na FDLR, uyu mutwe washakaga kugira uruhare mu byinjiraga muri ibyo bikorwa.



**FDLR ifite amasambu menshi ikoramo ubuhinzi, ikarenzaho n'ayamburwa abaturage y'aho ikorera**

Yemeza ko kuri buri kirombe cyakoragamuriibyobicehabaga umurwanyi wa FDLR, wari ushinzwe kugenzura ibikorwa no gukusanya amafaranga.

Usibye amafaranga yishyurwaga n'abacukuzi, Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga ko FDLR yashyiraga bariyeri ku mihanda, aho abacuruzi n'abatwara amabuye y'agaciro basabwaga gutanga amafaranga mbere yo gukomeza urugendo.

Ubu buryo, nk'uko abivuga, bwatumaga amafaranga menshi agwa mu maboko ya FDLR.

Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga ko muri rusange uyu mutwe washoboraga kwinjiza amafaranga arenga 300 000 by'amadolari ya Amerika ku kwezi (ni ukuvuga amafaranga y'u Rwanda akabakaba miliyoni 400) ava mu bikorwa by'amabuye y'agaciro n'imisoro ijyanye na byo.

**Ubuhinzi burimo n'urumogi bufasha FDLR cyane**

Ubuhinzi na bwo, bwari igice cy'ingenzi cy'ubukungu bwa FDLR. Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga ko mu bice byari biri mu maboko cyangwa bigengwa n'uyu mutwe, cyane cyane kuva muri Kivu y'Amajyepfo kugera muri Kivu y'Amajyaruguru, hari ubutaka bunini bwakoreshwaga mu buhinzi.

Muri Teritwari ya Rutshuru, avuga ko ahitwa Kazaroho honyine, FDLR yakoreshaga hafi hegitari 20 000 mu bikorwa by'ubuhinzi.

Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga kandi ko FDLR yakoreshaga imirima yari isanzwe ifitwe n'Abanyekongo b'Abatutsi bahunze FDLR bakajya kuba mu bindi bihugu. Ahamya ko iyo mirima yakoreshwaga n'abantu bari basigaye muri ako gace cyangwa abandi bahinzi bakoreraga FDLR.

Abahinzi b'Abanyekongo bahingaga muri ibyo bice na bo, nk'uko abivuga, basoraga amafaranga ya FDLR. Avuga ko umuntu yashoboraga kwishyura hafi amadolari 80 ya Amerika kuri buri gihembwe cy'isarura, kandi ko isarura ryakorwaga inshuro ebyiri mu mwaka.

Ibi byatumaga ubuhinzi budakora gusa nk'igikorwa cyo gutunga abaturage, ahubwo bukaba n'isoko y'amafaranga yinjiraga mu bikorwa bya FDLR. Mpakaniye avuga kandi ko FDLR yinjizaga amafaranga menshi mu buhinzi bw'urumogi.

Avuga ko uyu mutwe wahingaga urumogi ku buso bunini, rukagurishwahanzey'uducerwahingwagamo no mu bindi bihugu.

Mu bo avuga ko baguraga urwo rumogi harimo abantu batandukanye, ndetse akavuga ko na bamwe mu basirikare ba MONUSCO bari mu bakiliya barwo.

**Guhiga inyamaswa, kubaza imbaho no gutwika amakara**

Uretse ubucukuzi n'ubuhinzi, Mpakaniye avuga ko FDLR yaninjizaga amafaranga binyuze mu bikorwa byo guhiga inyamaswa no gucuruza ibikomoka ku nyamaswa.

Avuga ko abarwanyi b'uyu mutwe bahigaga inzovu bashaka amahembe yazo, bagahiga imvubu kubera kugurisha uruhu, inkura kubera amahembe yazo

Avuga kandi ko intare zahigwaga, kuko ngo amavuta akurwa mu ruhu rwazo yagurishwaga ku giciro cyo hejuru.

Amashyamba na yo yari andi masoko y'amafaranga kuri FDLR. Mpakaniye avuga ko FDLR yatwikaga amakara menshi akagurishwa mu mijyi yo muri Kivu, cyane cyane Goma.

Avuga ko igice kinini cy'amakara yakoreshwaga n'Umujyi wa Goma cyavaga mu bice byagengwaga na FDLR.

Usibye amakara, avuga ko uyu mutwe wanacuruzaga imbaho zatemwaga mu mashyamba, zikoherezwa mu bice bitandukanye bya Kivu y'Amajyepfo na Kivu y'Amajyaruguru.

**Gusoresha byahinduye imihanda ya Congo isoko y'amafaranga**

Ubukungu bwa FDLR ntibwari bushingiye gusa ku bucukuzi, ubuhinzi cyangwa umutungo kamere.

Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga ko uyu mutwe wari warashyizeho uburyo bwo gusoresha abantu n'ibinyabiziga byanyuraga mu mihanda yagenzurwaga n'abarwanyi bawo.

Ku baba batwaye ibicuruzwa, abacuruzi n'abandi bakoresha iyo mihanda, habagaho amafaranga basabwaga gutanga kugira ngo bakomeze urugendo. Ibyo byatumaga imihanda ubwayo ihinduka isoko y'amafaranga kuri FDLR.

Mpakaniye avuga kandi ko FDLR yakoreshaga uburyo bwo gushimuta abantu ikabasaba imiryango yabo kwishyura amafaranga kugira ngo barekurwe.

Iyo miryango, nk'uko abivuga, yasabwagagutangaamafaranga kugira ngo ababo barekurwe.

Gushimuta no gusaba inshungu byongeraga andi mafaranga ku mutungo uyu mutwe wakuraga mu baturage no mu bikorwa by'ubukungu byari mu duce twari tugenzurwa n'abarwanyi bawo.

Iyo urebye ibikorwa byose bivugwa na Lt. Col. (Demob) Mpakaniye, amabuye y'agaciro, ubuhinzi, ubuhinzi bw'urumogi, amakara, imbaho, ubucuruzi bw'umutungo kamere, imisoro yo ku mihanda ndetse n'inshungu bigaragaza uburyo umutwe witwaje intwaro ushobora kubaka ubukungu butandukanye mu gace ufiteho ububasha. Izi ni zimwe mu mpamvu mu burasirazuba bwa Congo habarizwa imitwe yitwaje intwaro irenga 200.

Lt. Col. (Demob) Mpakaniye avuga ko ayo mafaranga yafashaga FDLR gukomeza ibikorwa byayo no gukomeza kugira ubushobozi bwo kugumana abarwanyi n'ibikoresho bya gisirikare.

Kimwe mu bintu bikomeye ashimangira ni uruhare rw'inzego za Leta ya RDC mu buryo ibikorwa by'ubukungu bya FDLR byakorwagamo.

Avuga ko ibyo bikorwa bitakorwaga mu bwigunge, ahubwo ko hari uburyo bwo gukorana hagati y'abari muri FDLR n'abantu bari mu nzego zitandukanye.

Ati: "Mu buryo bw'ingenzi, imodoka zavaga mu bice bigenzurwa na Leta zikajya mu duce twa FDLR, ibyo akaba abifata nk'ikimenyetso cy'uko ibikorwa by'uyu mutwe bitashoboraga gukorwa mu buryo bw'ibanga gusa."

Inkuru ya Lt. Col. (Demob) Emilien Mpakaniye itanga ishusho n'impamvu y'uburyo FDLR yashoboye gwukomeza kubaho imyaka myinshi kuko yashinze ubukungu bw'intambara bushingiye ku masoko menshi.

# Gatsibo: Umuhanda Ndatemwa - Kiziguro waba-ruhuye ivumbi n'ubunyereri



Abakoresha umuhanda Ndatemwa - Kiziguro bishimira ko washyizwemo kaburimbo bagatandukana n'ivumbi n'ubunyereri

HITIMANA Servand

***Abakoresha umuhanda uva Ndatemwa ugaca ku bitaro bya Kiziguro mu Karere ka Gatsibo bavuga ko aho uyu muhanda ushyiriwemo kaburimbo byabafashije mu ngendo bawukoreramo, baca ukubiri n'ivumbi ndetse n'ubunyereri bahuraga nabyo.***

Mu bishimira ko uyu muhanda washyizwemo kaburimbo harimo abawukoreshaga bagana ku bitaro bya kiziguro kwivuza no gushakayo izindi serivisi, bavuga ko kubera ubwinshi bw'abawugendagamo byatumaga ubagora mu bihe by'imvura ndetse no mu zuba.

Murekeyinka Thacienne yagize ati: "Uyu muhanda ni uwa bugufi utugeza i Kiziguro ku bitaro, ukoreshwa n'abantu benshi barimo abajya ku bitaro, abanyeshuri n'abandi bajya mu mirimo itandukanye bigatuma mu gihe cy'imvura unyerera. Ni kimwe no mu gihe cy'izuba nabwo ibinyabiziga n'abagenzi bawucamo byatumaga ugira ivumbi ryinshi."

Yongeyeho ati: "Kuri ubu ni ibisubizo gusa kuko umuhanda wakozwe ugashyirwamo kaburimbo aho za ngorane navugaga twaciye ukubiri nazo. Turashima ubuyobozi bwacu bwabonye ko ari ngombwa kuwudukorera tukaba tugenda ahantu heza."

Ikibazo gikomeye kandi cyagirwaga n'abakoresha uyu muhanda mu modoka zijya kwa muganga zitwaye abarwayi cyane cyane mu bihe by'imvura.

Kamurase Ildebrand agira ati: "Byaribibabaje igihe umuhanda wari igitaka kuko imodoka itwaye umurwayi yashoboraga kunyerera ikamutindana mu nzira. Ibi byashoboraga kugira ingaruka ku murwayi kuko ataherewe serivisi ku gihe kandi yari ajyanwe ngo atabarwe kuko yari indembe. Aho uyu muhanda ukorewe ubu ni ibisubizo kuko izo mbogamizi zararangiye kandi turabishimira ubuyobozi bwadutekerejeho."

Abaturiye uyu muhanda na bo bavuga ko gushyirwamo kaburimbo byabarinze ivumbi ryakwirakwiraga mu ngo zabo rikababuza amahoro.

Rwamurenzi Didier yagize ati: "Mu gihe cy'izuba wasangaga ku nzu zacu huzuye ivumbi ndetse ukaba utamesa imyenda ngo ubone aho uyanika kuko yahitaga yanduzwa n'ivumbi. Twiririwaga dukorora kubera ivumbi ryinshi. Uyu munsi ibintu ni byiza kuko umuhanda warakozwe ntawukibuka ibijyanye n'ivumbi ribi ryabaga aha.

Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Sekanyange Jean Leonard, avuga ko uyu muhanda wakozwe mu rwego rwo gufasha abaturage mu migenderanire.

Ati: "Ni umuhanda wakozwe muri gahunda y'Akarere yo gukora imihanda ya kaburimbo inyura mu bice bikoreshwa cyane kandi bituwe, aho twakoze ibilometero 5,5 birimo uyu muhanda wa Kiziguro ndetse n'iyakozwe mu mujyi wa Kabarore. Ni ibikorwa remezo byegerezwa abaturage kugira ngo barusheho kugira imikorere myiza."

Yasabye abaturage bagiye begerezwa iyi mihanda ya kaburimbo kuyibyaza umusaruro bagakora ibikorwa bibateza imbere bo ubwabo ndetse bikanateza imbere Akarere kabo.

Uyu muhanda wa kaburimbo wa Kiziguro wakozwe mu mwaka wa 2022 ukorerwa rimwe n'indi yo muri Kabarore ku burebure bwa kilometero 5,5 ikaba yaratwaye ingengo y'imari y'asaga miliyari 2 z'amafaranga y'u Rwanda.

# Rusizi: Abatuye ku Nkombo bahawe ubwato bwa miliyoni 500 Frw




Ubwo bwato bufite ubushobozi bwo gutwara abagenzi 51 n'imizigo ingana na toni 5

NDOLI Sitio

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Ubwikorezi (RTDA) ku bufatanye n'Akarere ka Rusizi cyashyikirije ubwato bugezweho abaturage bo ku kirwa cya Nkombo giherereye mu kiyaga cya Kivu mu Karere ka Rusizi, bufite agaciro ka miliyoni 500 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ubwo bwato bwitezweho kunoza ingendo zo mu kiyaga cya Kivu, guteza imbere ubuhahirane hagati y'Umurenge wa Nkombo n'indi Mirenge, bufite ubushobozi bwo gutwara abantu 51 bicaye neza n'imizigo igera kuri toni eshanu.

Ni igikorwa cyabaye ku wa Gatatu tariki ya 16 Nzeri 2026, ubu bwato butandukanye n'ubwari busanzwe buri muri icyo kiyaga kuko burimo ikoranabuhanga na kamera zigezweho.

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Alfred Habimana yibukije abaturage ko ubwo bwato babuhawe n'Umukuru w'Igihugu mu rwego rwo kubafasha gukora ingendo zitandukanye mu kiyaga cya Kivu.

Ati: "Uyu munsi twashyikirije abaturage bo ku kirwa cya Nkombo ubwato bahawe n'Umukuru w'Igihugu, Ni ubwato buje kubafasha gukemura ikibazo cyo kuba mwambukaga bigoranye. Ubu n'iyo imvura yaba igwa cyangwa izuba riva bazajya bagenda kuko burasakaye bumeze neza. Bufite agaciro ka miliyoni 500 z'amafaranga y'u Rwanda, bufite ubushobozi bwo gutwara abantu 51 n'imizigo ya toni 5."

Ubusanzwe mu kiyaga cya Kivu harimo ubwato bwinshi ariko kubona ubusakaye ndetse bufite ubushobozi nk'ubu byari ikibazo gikomeye nkuko bamwe mu batuye kuri iki kirwa babigaragaza.

Mukahishakiye Vumilia ati: " Hano hari ubwato buto kandi butagezweho, urabona ko ubu n'iyo imvura yagwa nta kibazo, turashima Perezida wacu Paul Kagame uhora atwifuriza ibyiza."

Didier Nzabonimpa yongeyeho ati: "Ntako bisa kubona ubwato nk'ubu muri iki kiyaga cyacu, urabizi ko twahoraga tubona ubwato butoya buri hasi cyane kandi ubwinshi ni imbaho gusa ariko ubu burasa neza bufite isuku, nawe kandi urabibona, tuzahora dushimira Umukuru w'Igihugu cyacu kubera aduhoza ku mutima."

Ni ubwato bwakorewe mu Rwanda, isoko rikaba ryaratanzwe N'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Ubwikorezi (RTDA) kandi ko serivisi zabwo zizajya zitangwa ku giciro kidahenze.

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Alfred Habimana yasabye abakora ingendo zo mu kiyaga cya Kivu gufata neza ubwo ubwato bahawe ndetse n'ibindi bikorwa remezo bagejejweho.

Yagize ati: "Icyo dusaba aba baturage ni uko barinda umutekano w'ibyagezweho, harimo ubu bwato ndetse n'ibindi bazagezwaho."





# Huye: Ubuhamya bw'ababumba n'abatunda amatafari basuzugurwa bariteje imbere

BYUKUSENGE Annonciata

***Abagabo n'abagore bakora akazi ko kubumba no gutunda amatafari bavuga ko kabaye imbarutso y'iterambere mu miryango yabo, mu gihe hari abagifite imyumvire y'uko badashobora gukora aka kazi bagasuzugura kuko bifuza akandi kari mu nzozi bigoranye ko bazikabiriza aho batuye.***

Mu basuzugura aka kazi harimo abavuga ko imirimo ibinjiriza amafaranga yabuze, mu gihe barebera bagenzi babo bakorera amafaranga ya buri munsi bikagaragarira mu buryo imibereho yabo igenda ihinduka.

Kayitesi Clementine ni umwe mu bakora akazi ko gutunda amatafari bayakura aho abumbirwa bayageza ku ifuru. Avuga ko mu myaka ine amaze akora aka kazi, imibereho ye yahindutse.

Ati: "Ntaraza muri aka kazi, nahingiraga abandi bakampemba amafaranga 1000 ku munsi. Aya mafaranga nta kintu gifatika yamfashije kugeraho kuko no guhahamo ibyo kurya bihagije umuryango wanje ntibyavagamo."

Yongeyeho ati: "Akazi ko gutunda amatafari ni ko nkesha iterambere kuko nabashije kugura amatungo magufi, ubu mbona ifumbire nkabasha no gushyira umuhinzi mu murima mu gihe mbere nahingiraga abandi. Nishyurira abana ishuri nkanabatangira Mituweli ku gihe. Ntabwo nkigira ikibazo cy'ibiryo mu rugo kuko icyo nkeneye kurya cyose ndakigura abana banjye bakamererwa neza."

Kabandana we akora akazi ko kubumba amatafari. Avuga ko aka kazi kamutunze n'umuryango kuko amaze igihe gisaga imyaka 15 agakora.

Ati: "Ntabwo nagize amahirwe yo kwiga amashuri menshi, ariko mbona na bamwe mu baminuje ntacyo bibamariye kuko bamwe babaye amandi abanda birirwa bacunga aho biba. Njyewe aka kazi kamfashije gutunga umuryango wanjye mbasha no kwishyurira umwana imyuga, abanda barakiga kandi nzabafasha bige bagere kure."



Abakora akazi ko gutunda amatafari bavuga ko kabafashije kwiteza imbere

Akomeza avuga ko aya mafaranga abagirira akamaro kuko batayabona ku kwezi, ahubwo bayahabwa buri minsi 15. We ahembwa ibihumbi 60 mu minsi 15.

Mujawamariya we avuga ko akazi ko gutunda amatafari atakareka ngo agire akandi akora kuko ku munsi akorera amafaranga abona ba nyakabyizi bake.

Ati: "Ku munsi nkorera amafaranga y'u Rwanda 8 000. Uretse umufundi nta wundi muntu ukorera aya mafaranga ku mubyizi. Aya mafaranga si make ku buryo nayareka ngo ngiye guhinga bwacya nkasabiriza kuko ay'umuhinzi ntacyo amufasha ngo na we agire umuhinzi asiga inyuma."

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Huye ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Kamana André, mu kiganiro na Imvaho Nshya yavuze ko bitangaje kuba hari abantu bagifite imyumvire y'uko hari akazi gasuzuguritse.

Ati: "Nta kazi gaciriritse cyangwa gasuzuguritse kabaho. Ako bita ko gasuzuguritse abagakora kabateza imbere kuko kaba ari akazi gahoraho. Abateye imbere babikesha kubumba no gutunda amatafari bafite ubuhamya kandi ubwabo bivugira ko nta kandi kazi wabaha ngo bakemere bitewe n'uko bazi umumaro kabafitiye. Abagifite imyumvire y'uko hari akazi batakora, turabagira inama yo gukura amaboko mu mifuka."

Ubushakashatsi ku Mibereho Rusange y'Ingo mu Rwanda buzwi nka_EICV7 bwatangajwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare mu mwaka 2025, bugaragaza ko ubukene bwagabanyutse mu Karere ka Huye, bukaba bwari bugeze ku kigero cya 15,3%, mu gihe igipimo cy'ubukene ku rwego rw'Igihugu cyari gihagaze kuri 27.4%.

# Urubyiruko rw'u Rwanda rwibukijwe inshingano zikomeye Isi irwitezeho

HITIMANA Servand

***Urubyiruko rw'u Rwanda rwibukijwe ko rufite inshingano ziremereye zo kugena icyerekezo cy'Isi y'ahazaza ruzaba ruyoboye mu myaka iri imbere, bikazashoboka mu gihe rubashije kwitandukanya n'imyitwarire mibi irimo kunywa ibiyobyabwenge, kwiyandarika n'ibindi, ahubwo rukibanda ku kubaka ibifite umumaro.***



Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Abatuye Isi byahaye umukoro urubyiruko

Ku Munsi Mpuzamahanga w'Abatuye Isi wizihirijwe mu Karere ka Nyagatare ku rwego rw'Igihugu, Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi (MoYA) yashimangiye uburyo icyizere cy'ahazaza h'abatuye Isi gishingiye ku mahitamo y'urubyiruko rw'uyu munsi.

Umunyamabanga Uhoraho muri iyo Minisiteri, Ishungure Parfait yagize ati: "Abazaba batuye Isi mu bihe bizaza ni abari mu myaka y'urubyiruko uyu munsi. Kugira ngo tugire icyizere ko abatuye Isi by'umwihariko Igihugu cyacu, bazaba bafite imibereho myiza birasaba ko tugira urubyiruko rukora, rukihangira imirimo rugategura ejo heza twifuza.

Urubyiruko rurasabwa kwishakira ibisubizo rushingiye ku mahirwe rwashyiriweho n'ubuyobozi bwiza dufite. Ibi urubyiruko ruzabigeraho kandi ariko uko rwitandukanije n'ibidafite umumaro birimo inzoga, ibiyobyabwenge n'ibindi."

Bamwe mu Basore n'inkumi baganiriye na Imvaho Nshya, bashima uko Leta ibatekerezaho, bakanashyigikirwa mu bitekerezo byabo bigamije guhanga imirimo no kwiteza imbere.

Mutuyimana Dismas ukora ubworozi bw'ingurube mu buryo bw'umwuga, yagize ati: "Dushima inama duhabwa n'abayobozi bacu ndetse n'uko bakomeza kudufata akaboko mu gushyira mu bikorwa imishinga yacu. Ku munsi nk'uyu w'abatuye Isi kandi nishimira ko nawizihije nanjye mfite icyo nkora kuri iyi si kigira uruhare mu kuyiteza imbere nihereyeho ndetse n'Igihugu cyanjye."

Mumararungu Dorianne ukora umwuga wo gutunganya amafoto na we avuga ko afite inshingano yo kugira ibyo ahindura kugira ngo abe umuturage utanga icyizere ku hazaza heza h'Igihugu ndetse n'Isi.

Ati: "Nk'umukobwa wize ibijyanye no gutunganya amafoto, nahisemo kubikora mbikunze kugira ngo ubumenyi bwanjye mbubyaze umusaruro. Numva uko ntera imbere ngatanga serivisi ku bazikeneye nzaba ngize uruhare mu gutanga umusaruruo ku kuzagira Igihugu cyifuzwa ndetse n'Isi irangwa n'imibereho myiza n'iterambere ry'abayituye."

Mu Rwanda kuri ubu abarutuye babarirwa muri miliyoni zisaga 14,4 bakazaba bitezweho kuzaba bageze kuri miliyoni 22 mu mwaka wa 2050 nk'uko biteganywa n'imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'ibarurishamibare mu Rwanda.

Minisiteri y'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi yatangaje ko kugira ngo abo baturage bazabashe kubaho neza, abavuka n'ababyiruka bakwiye guhindura imyumvire ndetse bagahindura imikorere mu buryo butanga umusaruro mwishi ushobora guhaza abaturage mu mirire ndetse no mu bindi bikorwa by'iterambere bakenera.

# Nyagatare: Ubuso buhingwaho ikawa bwikubye hafi ishuro enye mu myaka itanu

HITIMANA Servand

***Abaturage bo mu Karere ka Nyagatare, by'umwihariko abahinzi b'ikawa, bishimira ko ubuhinzi bw'iki gihingwa bwateye imbere, umusaruro ukiyongera ndetse n'ubuso buhingwaho bukaguka, bukava kuri hegitari 823 mu 2021 bukagera kuri hegitari 3,230 muri uyu mwaka.***



Ikawa zihingwa muri Nyagatare zikomeje kwiyongera

Mu 2021, ikawa yahingwaga kuri hegitari 823, ahanini mu Mirenge ya Kiyombe, Gatunda na Mukama.

Kuri ubu, ikawa iri guhingwa kuri hegitari zisaga 3 000, ndetse ubuhinzi bwayo bukaba bwarageze no mu yindi mirenge itari isanzwe ihingwamo iki gihingwa.

Abahinzi bari basanzwe bahinga ikawa bavuga ko ubuhinzi bwayo bwateye imbere, cyane cyane kubera kongera ubumenyi mu buryo bwo kuyitaho, gukoresha ifumbire no kunoza umusaruro.

Rwayitare Emma Christian, umuhinzi w'ikawa wo mu Murenge wa Kiyombe, avuga ko umusaruro we wiyongereye nyuma yo guhabwa amahugurwa ku buryo bwo kwita kuri iki gihingwa.

Ati: "Njye nahinze kawa kuva kera ariko icyo twishimira ni uko twagiye duhugurwa ku buryo bwo kwita kuri kawa no gukoresha ifumbire, aho byatumye umusaruro wacu wiyongera. Ubusanzwe najyaga neza hagati y'ibiro 900 na 1 200 ariko ubu ngeze kuri toni 2."

Akomeza avuga ko kwaguka k'ubuhinzi bw'ikawa byatumye abahinzi barushaho kubona abaguzi ndetse n'inganda zibegera.

Ati: "Ikindi ni uko kuba twarahingaga kawa turi bake byatumaga nta ba rwiyemezamirimo batwitaho kuko batahakuraga umusaruro mwinshi, bikatuvuna tugemura ikawa kure. Kuri ubu abantu bashishikarijwe guhinga kawa tuba benshi ndetse n'inganda ziratwegera, ku buryo zinadufasha mu kuduha ibyo dukeneye gushora mu buhinzi tukabishyura ku musaruro."

**Abahinzi bashya babona ikawa nk'inkomoko y'amafaranga**

Abatangiye guhinga ikawa na bo bavuga ko babonye ko iki gihingwa gishobora kubafasha kwihutisha iterambere ry'ubukungu bwabo.

Manirakiza Julien wo mu Murenge wa Tabagwe avuga ko amaze gusarura ikawa inshuro ebyiri, aho umusaruro wo kuri hegitari 0,5 wamwinjirije amafaranga menshi.

Ati: "Njyewe nsaruye inshuro ebyiri. Nateye ikawa ku gice cya hegitari aho igihembwe cya mbere nasaruyeho miliyoni 4,5 Frw, na ho igihembwe gishize nakuyemo miliyoni 6 Frw. Ni amafaranga ntari narigeze mbona mu bindi bihingwa."

Uyu muturage avuga ko yiteguye kwagura ubutaka ahingaho ikawa, ndetse agakomeza ibikorwa by'iterambere birimo no kuvugurura inyubako abamo.

Serugendo J. Marie Vianney, ushinzwe guteza imbere ibihingwa byoherezwa mu mahanga mu Karere ka Nyagatare, avuga ko nubwo ikawa itari yarahinzwe ku bwinshi muri aka karere, byagaragaye ko gafite ubutaka buberanye n'ubu buhinzi.

Ati: "Ubundi ikawa muri aka karere yahingwaga mu gice cy'imisozi, ahafatanye n'Akarere ka Gicumbi. Gusa muri iyi myaka ya vuba itambutse twatangiye kwagurira ikawa no mu yindi mirenge kuko twasanze hari ubutaka buberanye n'ubu buhinzi. Ni gahunda iri gutanga umusaruro kuko bari kweza kawa nziza kandi nyinshi."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Matsiko Gonzague, avuga ko kwaguka k'ubuso buhingwaho ikawa byatumye abaturage barushaho kubona amafaranga, bikagira n'uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'Akarere.

Ati: "Ikawa ni kimwe mu bihingwa ngengabukungu biri kutwinjiriza amafaranga. Twamaze kubona ko hari ahantu henshi yakwera, aho dushyize imbaraga mu gushishikariza abaturage batuye aho ikawa ihingwa ikera, kubyitabira kandi bakayitaho kugira ngo ibafashe kubateza imbere."

Imibare igaragaza ko ikawa muri Nyagatare iri guhingwa ku buso bwa hegitari 3 230, hakaboneka umusaruro wa toni 1 782 ku mwaka. Muri uyu mwaka, iki gihingwa kimaze kwinjiriza abahinzi bo mu Karere ka Nyagatare amafaranga y'u Rwanda angana na miliyari 1 na miliyoni zisa 603Frw.

Kugeza ubu, mu Karere ka Nyagatare habarizwa inganda eshatu zitunganya umusaruro w'ikawa, ndetse hari kubakwa uruganda rwa kane mu rwego rwo gufasha abahinzi no gukumira iyangirika ry'umusaruro.

# Nyamasheke: Abatishoboye barasaba gusanirwa inzu zenda kubagwaho

UBWANDITSI

***Bamwe mu batuye mu Mudugudu wa Mubuga, mu Kagari ka Nyarusange, Umurenge wa Bushekeri mu Karere ka Nyamasheke, bavuga ko bari mu nzu zishaje ku buryo ubuyobozi butagize icyo bubafasha zazabagwaho.***

Bamwe muri bo baganiriye na Imvaho Nshya ni abo mu Murenge wa Bushekeri, mu Kagari ka Nyarusange mu Mudugudu wa Mubuga. Abo baturage bashima ubuyobozi bwabubakiye izi nzu ariko bakavuga ko zishaje ku buryo hatagize igikorwa zabagwaho.

Uzarama Simoni ati: "Yaratobaguritse, ifashwe na ziriya mbaho, ibinonko byaraguye, none inzu zigiye kutugwaho, nta sima irimo mbega ni ukubona zihagaze gusa.

Mukandoli Bonifrida na we yagize ati "Izi dore imyaka irenze icumi bazitwubakiye kandi turabashima kuko badubaye aho duhengeka umusaya ariko zigiye kutugwaho rwose, reba nawe imbaho zatandukanye n'ibikuta, zirava ku buryo imvura nigwa izatunyagira."

Yamuragiye Phrasie yunzemo ati: "Bibaye byiza badufasha bakazivugurura kuko bazasanga zaratuguyeho dore tugeze no mu gihe cy'imvura nyinshi, ubuyobozi budufashije twakomeza kubashimira kuko twebwe nta bushobozi dufite bwo kuzisana."



Ari ibibambasi, ari isakaro byose birashaje, hakenewe ko bisanwa

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke avuga ko babaruye inzu zishaje bagasanga bakeneye izigera ku 7 000 ariko aha icyizere abatishoboye ko bari gushaka igisubizo.

Ati: "Turacyafite abaturage bafite ikibazo cy'abaturage baba ahantu hadasa neza ariko biri muri gahunda zacu zo kugira ngo dufatanye kubabonera icumbi, ubwo na bo twababwira ko bashonje bahishiwe, babe bikorera iby'ibanze, ibindi tuzagenda dufatanya kugikemura."

Akomeza agira ati: "Ubu dufite hafi ibihumbi bitatu bakeneye kubakirwa ariko iyo dushyizemo n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batishoboye ni hafi ibihumbi birindwi. Birumvikana ko tugifite urugendo runini rwo gukora kugira ngo abaturage babone aho kuba, ariko twatangiye na bo bari muzitabwaho."

Muri uyu mwaka w'ingengo y'imari 2026/2027, ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko buzubaka inzu z'abatishoboye 39, bugasana 150, ubuyobozi kandi bwemeza ko kuva mu 1995 kugeza ubu Akarere kamaze kubakira imiryango 3 525.





# Rubavu: Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro bagera ku 190 bashyikirijwe imiryango yabo

NGABOYABAHIZI Protais

***Abahoze mu mitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bagera ku 190, barimo abo mu Mirenge ya Cyanzarwe na Rubavu mu Karere ka Rubavu, bashyikirijwe imiryango yabo nyuma yo kurangiza amahugurwa ku burere mboneragihugu.***



Abahoze mu mashyamba ya RDC uko ari 190 bose bishimiye ko bahujwe n'imiryango yabo

Abo Banyarwanda bari bamaze igihe mu mashyamba ya RDC, aho bamwe bari baragiye mu mitwe yitwaje intwaro bafite ibitekerezo byo gutera u Rwanda, ariko nyuma baza gufata icyemezo cyo gutahuka no gusubira mu gihugu cyabo.

Bageze mu Rwanda bakiriwe na Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abahoze ari Abasirikare (RDRC), bahabwa amahugurwa agamije kubafasha gusubira mu buzima busanzwe no kongera gusigasira ubumwe n'ubunyarwanda.

Abo 190 ni abo mu cyiciro cya 77 cy'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro basoje amahugurwa, nyuma bahuzwa n'imiryango yabo mu muhango wabereye mu Karere ka Rubavu.

Ku babyeyi bari bamaze imyaka batabona abana babo, uwo muhango wari umunsi w'ibyishimo bidasanzwe, kuko bamwe bari baramaze no kwibwira ko abana babo bashobora kuba barapfuye.

Mukundente Margueritte, umwe mu babyeyi bakiriye umwana we w'imyaka 23, yavuze ko yari amaze igihe yaramuhebye, kuko yari azi ko umwana we ari mu mashyamba ya RDC kandi akaba atari azi niba akiri muzima.

Yagize ati: "Nari narahebye, numvaga ko ashobora kuba yarapfuye kuko yari amaze igihe kinini mu mashyamba. Kumubona aje mu Rwanda no kongera kumwakira akiri muzima ni ibyishimo bikomeye kuri njye."

Yavuze ko kuba umwana we yarafashe icyemezo cyo gutahuka no gusubira mu muryango ari intambwe ikomeye, kuko ubu afite amahirwe yo kongera kubaho mu buzima busanzwe no gutegura ahazaza he.

Kabanda Eulade wo mu Murenge wa Cyanzarwe, yavuze ko bishimiye cyane kubona abana babo bagarutse mu gihugu cyabo, aho ubu bafite amahirwe yo kwiyubaka no kubana n'abandi Banyarwanda.

Yagize ati: "Turishimira ko abana bacu batahutse. Aho gutekereza kujya mu mashyamba gutegura umugambi wo gutera no gusenya u Rwanda, ubu tugomba kubafasha gutekereza ku hazaza habo, tukabashishikariza gukora no guhanga imirimo."

Kabanda yavuze ko we na bagenzi be biyemeje gukomeza kuganiriza abana babo no kubafasha kwirinda inzira zishobora kubasubiza mu mitwe yitwaje intwaro.

Soldant Nzayituriki, umwe mu bahoze mu mashyamba ya RDC, yavuze ko yishimiye uburyo yakiriwe mu Rwanda, kuko ibyo yari yarigishijwe ku gihugu cye bitandukanye n'ibyo yahasanze ahageze.

Yavuze ko mbere y'uko ataha yumvaga ko azagera mu Rwanda afite umugambi wo kurusenya no gutsemba Abanyarwanda, ariko nyuma yo kuhagera asanga ibyo yigishijwe bitari ukuri.

Yagize ati: "Nishimiye uburyo nakiriwe mu gihugu cyanjye. Nari nzi ko nzaza ari uko maze gutsemba Abanyarwanda, ariko nasanze ari ibinyoma. Nasanze mu Rwanda hari umutekano kandi nta vangura nabonye mu Banyarwanda."

Nzayituriki yavuze ko ubu afite intego yo kwifatanya n'abandi Banyarwanda mu kubaka Igihugu, ndetse agashishikariza bagenzi be bakiri mu mashyamba ya RDC gufata icyemezo cyo gutahuka.

Yagize ati: "Ndasaba bagenzi banjye bakiri mu mashyamba gutahuka mu rwababyaye, kuko hano hari amahoro n'umutekano. Na twe twaje dufite ibitekerezo bitandukanye, ariko twasanze ibyo twabwiwe bitandukanye n'ukuri."

Muri abo bahoze mu mitwe yitwaje intwaro, hari abagiye muri RDC bafite gahunda zo gushaka imibereho, bamwe bagiye gutwara moto cyangwa gushaka akazi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ariko bakisanga binjiye mu mitwe yitwaje intwaro.

Ibi bigaragaza ko ikibazo cy'abajya mu mashyamba ya RDC kitareba gusa ababa bafite umugambi wo kurwanya u Rwanda, ahubwo hari n'abagenda bashaka imibereho, ariko bakaza kugwa mu maboko y'imitwe ibashuka cyangwa ikabinjiza mu bikorwa byayo.

Ubutumwa bwatanzwe ni uko Abanyarwanda bakwiye gushaka imibereho mu nzira zemewe, kandi abafite ababo bakiri mu mashyamba ya RDC bakabashishikariza gutahuka no kwifatanya n'abandi mu kubaka igihugu.

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu, Prosper Mulindwa, yashimiye abo Banyarwanda kuba barafashe icyemezo cyo gutahuka, abasaba gukoresha amahirwe bahawe mu kwiteza imbere no kugira uruhare mu kubaka igihugu.

Yagize ati: "Muze twubake u Rwanda, muharanire guteza imbere igihugu cyacu. Muje musanga ubuyobozi nyabwo n'ibyiza byabwo, aho buhora bushaka icyateza imbere umuturage."

Mulindwa yabasabye kubahiriza amategeko no kugira uruhare mu kubaka imiryango n'igihugu.

Yagize ati: "Hano nta muntu uhohotera uwo bashakanye cyangwa se undi mugenzi we w'Umunyarwanda cyangwa undi munyamahanga uri hano ku butaka bw'u Rwanda, ni kirazira kwigabiza umutungo wa rubanda. Muri Abanyarwanda, muje gukora mwiteza imbere, kandi icyo mwarwaniraga ntacyo. Ahubwo muze turwanye umwanzi umwe ari wo bukene."

Yabamenyesheje kandi ko nyuma yo gusubizwa mu buzima busanzwe, bafite uburenganzira bwo kugenda no gukorera mu bihugu bashaka, bakurikije inzira zemewe n'amategeko.

Umuvugizi Wungirije wa Guverinoma y'u Rwanda, Uwera Maurice, yashimiye abo Banyarwanda bahisemo gutahuka ku neza aho gukomeza kuba mu bikorwa byangiza ubuzima n'umutekano w'Abanyarwanda.

Yabasabye kugira uruhare mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda, anasaba ababyeyi gukomeza guha abana babo uburere bubatoza kubana neza n'abandi.

Yagize ati: "Umunyarwanda akwiye kumenya kubana neza na mugenzi we, mu mahoro kandi akirinda ibihuha bigamije gusenya no guhungabanya umudendezo w'Abanyarwanda n'abarutuye."

Uwera kandi yasabye abatahutse kuba umusemburo w'ubumwe bw'Abanyarwanda, bakirinda ibiyobyabwenge bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'urubyiruko n'abantu bakuru ndetse bikaba intandaro y'ibindi bibazo mu muryango no mu gihugu.

Muri uyu muhango wo guhuza abahoze mu mashyamba ya RDC n'imiryango yabo, buri wese yashyikirijwe indangamuntu, nk'ikimenyetso cy'uko ari Umunyarwanda kandi akaba yongeye kwakirwa mu muryango mugari w'Abanyarwanda.

Kuri bo n'imiryango yabo, gutaha ntibifatwa nk'iherezo ry'urugendo gusa, ahubwo ni intangiriro y'ubuzima bushya, aho basabwa gukoresha amahirwe bahawe mu gukora, kwiteza imbere no kugira uruhare mu kubaka u Rwanda.

Ubutumwa bwagarutsweho ni uko gutahuka no gusubira mu buzima busanzwe biha buri wese amahirwe yo guhitamo kubaka aho gusenya, no guharanira ko ubumwe, amahoro n'iterambere birushaho gushinga imizi mu muryango nyarwanda.



Abahoze mu mashyamba ya RDC, bageze i Rubavu na bo bacinye akadiho

# Umusizi Nsengimana yatangiye gukora filimi ashingiye ku busizi




Umusizi Nsengiyumva yatangiye gukora filimi

MUTETERAZINA Shifah

***Umusizi akaba n'umwanditsi w'ibitabo, Nsengimana Sylvestre yatangiye urugendo rushya rwo kwagura ubuhanzi bwe, aho amaze kwinjira mu gukora filimi, avuga ko ibyo byose abishingira ku mpano yahawe n'Imana.***

Nsengimana avuga ko gukora filimi bitavuze ko yaretse ubusizi, ahubwo ko ari ubundi buryo bwo gukoresha impano ye no kugeza ubutumwa ku bantu benshi.

Ibi yabivuze nyuma yo gushyira hanze filimi ye nshya yise 'Motard', avuga ko igitekerezo cyayo cyakomotse ku busizi.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Nsengimana yavuze ko yahisemo gushingira ku busizi mu bindi bikorwa by'ubuhanzi azakora, kuko ari ho aba yumva azakura imbaraga zihagije.

Yagize ati: "Buriya biba byiza iyo ugiye mu bintu ufite aho ushinze imizi. Umuntu mfatiraho icyitegererezo ni uwitwaga Maya Angelou kandi nta buhanzi na bumwe ntamubonyemo. Filimi yazigiyemo, yewe ubanza hari n'indirimbo yaririmbye, kandi byose akabikora ari umusizi."

Akomeza avuga ko na we yifuza ko ubusizi bwaba ishingiro ry'ubundi buhanzi azakora, ubutumwa bukaba ari kimwe mu bintu by'ingenzi azibandaho.

Ati: "Njyewe numva ko umuhanzi mwiza agomba gutanga ubutumwa mu buryo bwose, kuko impano nyifata nk'inshingano Imana iguhaye. Si uko mba mvuga ngo nzahindura ibyo nakoraga mve mu busizi. Iyo ufite imizi y'ibyo ukora, ibitekerezo by'ubundi buhanzi bishingira aho."

**Filimi ze zibanda ku butumwa bw'amahoro**

Nsengimana avuga ko filimi ari imwe mu nzira yahisemo gukoresha mu gutanga ubutumwa bwo gukangurira abantu kwimakaza amahoro no gukemura amakimbirane mu buryo butarimo gushyamirana.

Kuva atangiye uru rugendo, amaze gukora filimi ebyiri zirimo 'Umupaka' na 'Motard', aho avuga ko zombi zihuriye ku butumwa bwo gufasha abantu gutekereza ku mibanire yabo no guhitamo inzira y'amahoro.

Nubwo ubu yinjiye no mu mwuga wo gukora filimi, Nsengiyumva asanzwe azwi mu busizi no kwandika ibitabo.

Kugeza ubu amaze gusohora ibitabo bibiri, birimo 'The Journey', igitabo cy'ibisigo yasohoye mu 2022, na 'Tears In A Verse', bisobanuye 'Amarira mu mukarago', gishingiye kuri Alubumu y'ibisigo 17 yamurikiye mu Bufaransa.



Nsengimana ahamya ko gukora filimi bitazabangamira ubusizi



Nsengimana avuga ko gukora filimi bitavuze ko yaretse ubusizi





# Niyonkuru Florence yegukanye umudali muri Shampiyona y'Isi

SHEMA Ilvan

***Umunyarwandakazi Niyonkuru Florence, yegukanye Umudali w'Umuringa mu mikino yo gusiganwa ku maguru ya Shampiyona y'Isi ya 2026 ikomeje kubera mu Mujyi wa Copenhagen muri Danemark.***

Ni imikino yiswe 'World Athletics Road Running Championships' itegurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino yo gusiganwa ku maguru ku Isi (World Athletics) iri kuba ku nshuro ya kabiri mu mateka.

Uyu mukinnyi yabigezeho kuri iki Cyumweru tariki ya 20 Nzeri 2026, abakinnyi bakoze ibilometero 21 (Half Marathon), mu bagore.

Niyonkuru Florence, Emeline Imanizabayo na Ibishatse Angelique ni bo bahagarariye u Rwanda muri iri rushanwa.

Muri aba bose, Niyonkuru ni we witwaye neza akoresha isaha imwe, iminota itandatu n'amasegonda atanu, asiganwa na Agnes Jebet Ngetich wabaye uwa mbere na Veronica Loleo wabaye uwa kabiri, bombi bo muri Kenya.

Minisitiri wa Siporo, Nelly Mukazayire, yashimiye uyu mukinnyi abinyujije ku mbuga nkoranyambaga, ati: "Umukobwa wacu Florence Niyonkuru akomeje kwandika amateka atwara imidali. Uyu munsi yegukanye umwanya wa gatatu mu mikino y'Isi y'abiruka ku muhanda ya World Athletics Road Running Championships'2026. Ni uko ni uko mwana w'u Rwanda, komereza aho kandi ibyiza biracyaza".

Niyonkuru w'imyaka 25 aherutse kuba uwa gatatu mu Mikino ya Commonwealth, aho yatwaye umudali w'Umuringa mu gusiganwa mu ntera ya metero 10 000, ari na wo wa mbere Igihugu cyari kibonye muri iyi mikino.

Yatwaye kandi umudali wa Zahabu mu gusiganwa metero ibihumbi 10 muri 'TCS World 10K Bengaluru' yabereye mu Buhinde, n'umudali wa Feza muri Shampiyona Nyafurika y'Imikino yakiniwe i Accra muri Ghana.




Niyonkuru Florence yahesheje ishema u Rwanda




Niyonkuru Florence ni umwe mu bakinnyi bahagarariye u Rwanda muri Shampiyona y'Isi

# Volleyball: Ikipe y'u Rwanda yageze muri ¼ mu Gikombe cya Afurika

SHEMA Ivan

***Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda y'Abagabo muri Volleyball yatsinze iya Gambia amaseti 3-0 mu mukino wa ⅛ cy'Igikombe cya Afurika, ibona itike yo kwerekeza muri ¼.***

Uyu mukino wabaye kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 19 Nzeri 2026, muri El Menzah Sport Palace y'i Tunis muri Tunisia ahari kubera iri rushanwa rihuza amakipe akomeye ku Mugabane wa Afurika.



Ikipe y'u Rwanda yatsinze iya Gambia amaseti 3-0 igera muri 1/4 mu Gikombe cya Afurika

U Rwanda rwageze muri iki cyiciro nyuma yo gusoreza ku mwanya wa kabiri mu Itsinda D n'amanota atandatu ku icyenda.

Muri uyu mukino wa ⅛ wakinwe kuri uyu wa Gatandatu, abakinnyi b'u Rwanda bawutangiye neza batsinda iseti ya mbere ku manota 25 kuri 18 ya Gambia.

Mu iseti ya kabiri umukino wegeranye kuko amakipe yombi yagendanaga mu gutsinda amanota, ariko birangira ikipe y'u Rwanda iyitwaye ku manota 25-21, mbere yo gusoza umukino batsinda iseti ya gatatu ku manota 25-18.

Muri uyu mukino wamaze isaha imwe n'iminota cumi n'umwe, abakinnyi bitwaye neza bagafasha u Rwanda cyane harimo Kapiteni Wiclif Dusenge wakoze amanota 22 na Yves Mutabazi wakoze amanota 14.

Mu gushaka itike ya ½, u Rwanda ruzakina na Tunisia mu mukino uteganyijwe ku wa Mbere, tariki ya 21 Nzeri 2026.

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI WWW.IMVAHONSHYA.CO.RW

Imvaho Nshya
# Siporo




Nº. E-74 TARIKI 15-21 NZERI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Remco yanditse amateka mashya muri Shampiyona y'Isi y'Amagare



**Remco Evenepoel yishimira Umudali wa Shampiyona y'Isi y'Amagare yegukanye ku nshuro ya kane yikurikiranya**

**SHEMA Ivan**

***Umubiligi Remco Evenepoel yanditse amateka yo kuba umukinnyi wa mbere wegukanye ITT (gusiganwa n'igihe buri wese ku giti cye) ya Shampiyona y'Isi y'Amagare mu bagabo inshuro enye zikurikiranya.***

Kuri iki Cyumweru, tariki ya 20 Nzeri 2026, ni bwo Umujyi wa Montreal muri Canada wakiriye Shampiyona y'Isi yo gusiganwa ku magare ihereye ku cyiciro cyo gusiganwa n'ibihe mu bagore n'abagabo bakuze.

Uyu mukinnyi w'imyaka 26, ni we wahagurutse nyuma y'abandi bakinnyi bose ubwo hatangiraga irushanwa ry'uyu mwaka mu cyiciro cy'abagabo.

Ni nyuma y'uko ari we waherukaga kwegukana umudali wa Zahabu muri iki cyiciro, ubwo Shampiyona y'Isi y'Amagare yari yabereye i Kigali mu 2025.

Umuvuduko n'imbaraga bye byamuhesheje gukoresha ibihe byiza ugereranyije n'abandi dore ko yakoresheje minota 44 n'amasegonda 53, akurikirwa n'Umutaliyani Filippo Ganna yasize amasegonda 57 mu gihe Umufaransa Paul Seixas wabaye uwa gatatu yasinzwe umunota n'amasegonda 13.

Uyu mukinnyi kandi yafashe agahigo kari gafitwe na Fabian Cancellara na Tony Martin begukanye imidali myinshi (irindwi irimo ine ya Zahabu) muri Shampiyona y'Isi.

Uyu munsi kandi wasize Umusuwisi, Marlen Reusser yisubije Shampiyona y'Isi yo gusiganwa ku magare mu cyiciro cy'abagore basiganwa n'igihe buri wese ku giti cye, akoresheje iminota 50 n'amasegonda 24 ku ntera y'ibilometero 39,2.

Shampiyona y'Isi y'Amagare, izakomeza ku wa Mbere, tariki ya 21 Nzeri 2026, abakinnyi b'abahungu n'abakobwa batarengeje imyaka 23 basiganwa n'igihe [ITT].



**Remco Evenepoel n'abagenzi be bamukurikiye ku rutonde rusange**

# U Rwanda rwatangiye gushaka abazaruhagararira muri Shampiyona y'Isi ya Special Olympics



**Basketball ni umwe mu mikino yakinwe muri iyi shampiyona**

**SHEMA Ivan**

***Amakipe 12 yo mu mikino itandukanye yaturutse mu Ntara zose z'u Rwanda, ni yo yitabiriye Shampiyona y'Igihugu y'imikino y'abafite ubumuga bwo mu Mutwe, mu rwego rwo gushaka abakinnyi bazajya mu Ikipe y'Igihugu iri kwitegura Shampiyona y'Isi izabera muri Chile mu mwaka utaha wa 2027.***

Iyi mikino yakinwaga ku nshuro ya 10, yabaye ku wa Gatandatu, tariki ya 19 Nzeri 2026, ibera muri Imbuto Hub iri i Nyamata mu Karere ka Bugesera.

Yakinwe n'amakipe arimo Gasabo, Muhanga, Ngoma, Huye, Rubavu, EP Karwasa, VDOS, Burera, Tubiteho, Amizero, HVP Gatagara, Face of Love, GS Kabirizi na Izere Mubyeyi bahatana mu mikino itandukanye irimo, Umupira w'amaguru, Basketball, Bocce ndetse n'imikino ngororamubiri (Athletisme).

Mu mupira w'amaguru ikipe yahize izindi ni Izere Mubyeyi yatsinze Amizero ibitego 2-1 mu mukino wa nyuma, muri Basketball HVP Gatagara ni yo yegukanye Umudali wa Zahabu nyuma yo gutsinda Face of Love amanota 15-10.

Abasiganwa ku maguru basiganwe mu cyiciro cya metero 100 mu bakobwa n'abahungu, Ngiruwonsanga Alex wa Ngoma na Uwingeneye Thérèse wa Muhanga begukana imidali ya Zahabu.

Imidali ya Zahabu muri Bocce ikinwa mu byiciro bitatu, mu bakobwa yegukanywe n'abarimo Irafasha Patience wa Gasabo, Nyiramatabaruka Alphonsine wa Huye na Muteteyimana Alia wa Amizero.

Mu bahungu hitwaye neza Manizabayo Eric wa EP Karwasa, Ndayizeye Pacifique wa VDOSE na Ishimwe Jean de la Croix wa GS Kabirizi.

Abahize abandi muri iri rushanwa, bahabwa amahirwe yo kuba bazahagararira u Rwanda mu mikino ya Shampiyona y'Isi 'Special Olympics World Summer Games 2027'.

Perezida wa Special Olympics Rwanda, Ambasaderi Karabaranga Jean Pierre, yavuze ko nyuma y'iyi mikino hari gutegurwa indi na yo izahuriza hamwe abafite ubumuga bwo mu mutwe, kugira ngo abazahagararira igihugu bazabe ari abeza mu beza ndetse ashimira ababyeyi bahisemo kudahisha abana babyabye, ahubwo bakabafasha kwitabira iyi mikino ndetse no kubageza mu bigo bitandukanye byita ku mibereho y'ubuzima bwabo bwa buri munsi.

Inzobere mu myitozo ngororamubiri n'iterambere rya siporo muri Minisiteri ya Siporo, Habyarimana Florent, yavuze ko ubufasha bwa Minisiteri buhari mu kwitegura iyi mikino.

Ati: "Abantu bafite ubumuga bwo mu mutwe ni abantu nk'abandi, bashyigikiwe bagirira igihugu akamaro. Tuzakomeza gukora ibishoboka byose ngo iyi mikino ishyigikirwe, yaba imbere mu gihugu ndetse no ku rwego mpuzamahanga.

Harimo gukora ubuvugizi hakaboneka ibikoresho bifasha abakinnyi no kuzashyigikira ikipe y'Igihugu izitabira imikino ya Shampiyona y'Isi izakinirwa i Santiago muri Chile."

Umuryango wa Special Olympics watangiye gukorera mu Rwanda kuva 2002, wagize uruhare rudashidikanywaho mu kwita ku buzima bw'abantu bafite ubumuga bwo mu mutwe by'umwihariko binyuze mu mikino. Mu myaka hafi 25 imaze ishinzwe, imaze kugera ku bana barenga ibihumbi 20 kugeza ubu ifite abatoza barenga 1000 bafasha abana gukina imikino itandukanye.



**Perezida wa Special Olympics Amb. Karabaranga yavuze ko amarushanwa yo gutegura abakinnyi azaba kenshi, ashimira ababyeyi bakomeje gushyikigira abana babo muri iyi mikino**